# Umwami Wanzwe

Jeffersonville, Indiana, USA

15 Gicurasi 1960

1 …kugira ngo ubwiza bw'Umwami butumanukire binyuze mu kubwiriza Ijambo ry'imana. Icyumweru gishize, sinarimeze neza. Urebye, si ukumera nabi kundi, ahubwo hari ikizami nangomba gukoresha, ikizami cyo kwa muganga; kandi nibyo mwumvise, ko nari kwa muganga. Niyo mpamvu nagiyeyo, kungira ngo nirinde ingendo za hato na hato hagati ya hano no hakurya y'uruzi. Bagukorera ibizami by'igihimba cyo hejuru munda n'ikizamini cy'amara, buri minota itanu, bakongera bakaza gukora ibindi bizami.

Ariko… tugomba kubikora (iyo ukora akazi ko kuvuga ubutumwa) buri mezi atandatu. Mwene Data Roberts n'abandi, ndacyeka nabo babikora buri mezi atandatu, ariko njye, narimaze imyaka ine ntabikora.

2 Ikibazo, nuko ntakunda amavuta ya ricin. Niyo abahari gusa. Kandi bakavuga ko nta kindi batanga mu mwanya wayo, noneho njye… Yoo! Mugihe babwiye ibyo, byahise bituma ndwara nyabyo. Murabizi, nigeze mbabwira mu mateka y'ubuzima bwanjye uburyo ibyo byanteraga kurwara, kandi ndabyanga pe. Noneho mbaza umucuti wanjye, w'umuganga nti: "nta kindi kintu cyaba gihari?" Aransubiza ati : "sinkeka ko hari ikindi, mwene Data Branham."

3 Yoooh! Igihe wa mudamu yinjiye ayafite, ndarengereye wenda, ariko wagira ngo yarafite iritiro yayo. Byari… sinigeze mbona angana atyo, ariko nafunze amzuru ngira n'isesemi, ariko byarangiye nyanyweye.

Ariko ubu, muri ibyo byose nanyuzemo ndashimira Umwami kubw'ikizamini cyiza. Nagitsinze ijana ku ijana; nshobora kujya aho nshaka hose ku isi. Na bajije abaganga, bari batatu mu bakomeye, natekerezaga kuri Louisville, ndababaza, nti: "none hari icumi ku ijana naba mfite bitangenda neza?" Baransubiza bati: "ntakibazo na gito mufite." Barongera bati: "mumeze neza cyane, ahantu hose." Kandi ndabishimira Imana. Ninde wundi byari kuvaho bitari kuri Data wa twese, murabona, kuba meze neza. Aravuga ati: "umubiri wanyu wose umuze nk'uw'umusore." Aravuga: uturemangingo twanyu ntituratangira kugira ikibazo na gito." Aravuga ati: "mumeze neza cyane, mwene Data Branham." Ndamusubuzi nti: " ni byiza, ndishimye cyane."

4 Nagize amahirwe yo kubwira, gutanga ubuhamya bw'Ubwami bw'Imana k'ubaganga bose bari aho ku bitaro. Kandi muri abo baganga, ndacyeka ko hari umwe uri hano iki gitondo… kandi nishimiye kubona hakiri abantu binyagamugayo kuri ino isi, abantu nyabo, abantu bankoresheje ibizimi byo kwa muganga, iminsi itanu, buri kizami nari gutanga amadorari 200 cyangwa 300, noneho ibizamini birangiye, barambwiye bati: "ni inkunga dutanze kubw'umurimo w'Umwami mukora." Baravuga bati : « biratubangamiye kumva ko hari icyo mutugomba. Amasegesho yanyu niyo dukeneye gusa."

"Kandi, muri mwe, bavuze, turabona ko harimo amarangamutima, ikintu tutabasha kumva." Baravuga bati: "ntabwo bigaragara..." Yavuze ati: hanze, muratuje, ariko muri mwe, imbere, harimo amarangamutima tutabasha kumva."

Mvuga nti: "mwicare hano akanya gato mbasobanurire." Nuko ntagira kuvuga ku byo amayerekwa. Kuri bo bwari ubundi bumenyi. Ntacyo bari babiziho. Nababwiye ibya Bibiliya. Hanyuma, mbabwira iyerekwa Umwami yanyeretse undi umunsi, nuko barira nk'impinja, bari bicaye aho, barira.

Ndababwira nti: "Nizereko mutamfata nk'umukabiriza w'idini, cyangwa nku…"

5 Aravuga ati: "Oya, mwene Data Branham. Ndabyizeye n'umutima wanjye wose." Arongera ati: "ariko nifuzaga kuvuga ikintu kimwe, ntawujya kubyiga ku ishuri", nizera ko biva ku Mana ishobora byose." Kandi abo bari bamwe mu baganga baminuje bo muri Louisville, bamwe mu bakomeye bari bafite. Nuko rero, nari mbyishimiye cyane, no kumenya ko Umwami yanyemereye gutera imbuto ahantu nkaho.

6 Abaganga bose baramvugishije… igitondo kimwe, igihe nasohokaga mu cyumba cyaho bapimira ibizami, naravuze nti… narebaga umukecuru; yarameze nk'urembye. Nakomeje kwegera imbere kugera aho yari ari. Nibazaga ko ashobora kuba asigaje igihe gito, nuko ndavuga nti: "nifuzaga kubabaza ikibazo kimwe, mushiki wanjye. Aransubiza ati: "yego mugabo?"

Ndamubaza nti: "mwaba muri umukirisitu?"

Aransubiza ati: "hari itorero rimwe mbarizwamo."

Ndamubwira nti: "ndashaka ko munyumva neza." Ndongera ndamubwira nti: "ndashaka kumenya niba muri umukirisitu, umukirisitu nyakuri. Kandi niba mushobora kwambuka iyi Nyanja y'ubuzima mujya mu kindi gihugu, mwaba mubikunze ?" Ndogera nti: "mwaba muby'ukuri mukijijwe?" Aransubiza ati: "yego, yego."

Ndamubwira nti: "Imana ibahe umugisha rero. Aho umuyaga waza werekeza hose, ntakibazo na kimwe mufite. Nizere ko ariko biri." Kandi, iyo uzengurutse gato, wasanga hakiri abantu beza kandi b'inyangamugayo kuri ino si.

7 Rero, uno munsi, naje mfite iyerekwa, ndibubabwire nyuma gato, ariko nashakaga kuvuga ku Ijambo,

kuko ndizera ko Ijambo ari igikenewe, igikenewe cyane muri iki gihe.

8 Kandi nishimiye kubona Charlie Cox na mwene Data… Nshuti zanjye zihagaze, hariya… mwene Data… simwibuka… Jefferies (izina rye sindikuryibuka); benshi muri mwe, abandi bene Data bo muri Georgie nabo mu zindi ntara zo mugihugu. Inshuti yanjye Bill wicaye hano, (ndacyeka ko ari we), iki gitondo, ari na benshi… bene data bavuye I Georgie, hariya, abantu bampaye iyi myenda. Murabizi, iri mu myenda myiza ntigeze nambara. Ndiyumvamo neza. Ni myiza cyane… muri abagaciro kanini kuri njye. Nimbabwira ibyambayeho muri ino minsi ishize, muraza kumva impamvu mbona ko bifite agaciro kanini kuri njye.

9 Noneho, ndizera ko, Umwami abishatse, ko ngiye gukomeza urugamba n'ubushake bwinshi kurusha mbere hose mu buzima bwanjye, kuko ubu mbona nko… Mubisanzwe, nshobora gupfa uno munsi. Nuko… ntawe ubizi. Amamashini asuzuma n'ibindi, n'ibindi bizamini 16 bitandukanye, ikizami cyo kwa muganga cyagaragaje ko ndi muzima nk'umuntu uko yagakwiriye kuba ameze kuri ino isi. Ndabishimira cyane. Ariko muri ibyo bintu byose, n'ibyo byose, ndashimira Imana ko yandize (ndabyizeye) mu murimo wa Yo ; ntabwo ari byo yari yanyeretse mbere yaho gato, murabona. Byara nshimishije.

10 Muri uyu mugoroba, ndumva…byose bimeze neza, sibyo? Mwene Data wacu ni umuntu utikunda nagato - ni mwene Data Neville. Niba bamwe muri mwe bari bahari ku cyumweru gishize bakaba barumvise ijambo ryiza yatubwirije, « Akabindi k'amavuta », byari… ryari ijambo ryiza ntarinumva, iryo jambo mwene Data Neville yatuzaniye, ari ry'Umwuka Wera, icyumweru gishize, kuri ryashyo rike ry'intama imana yari yateranyije hano. Nimba ibyo bibafasha, bikaba bishimisha Umwami, mwene Data Neville n'itorero mukaba mubyemera, nifuzaga kongera kuba nabwiriza uyu mugoroba, nkabona gutangira uruhererekane rwo… kuwa mbere nimugoroba, ndavuga kucyumweru nimugoroba, no kuwa gatatu nimugoroba no kucyumweru gitaha, uruhererekane rw'ibiterane nizeho…

11 Simba narahagumye… kwa muganga, ariko bambereye abantu beza. Bampaye icyumba ku cya gatatu cy'igiciro gisanzwe. Nuko mfata Bibiliya zanjye, ibitabo byanjye, nuko nsasa igitanda nuko mera neza, nari mfite Bibiliya zanjye n'ibindi biteretse aho; nuko nari ndi mubihe byahawe umugisha, kugeza baje bafite amavuta ya ricin. Ibihe byiza kuri njye, byari birangiriye aho; nari mbabaje. Ariko, mwene Data Pat, nari ndwaye koko. Ntabwo nabashaga kwihaganira ibyo bintu. Ariko… nari ndi mubihe byiza nk'iminsi itatu cyangwa ine ya, mbere yaho.

Nari mubihe byiza, nigaga Ibyanditswe by'Abefeso. Yoo! Itorero ryicaye hamwe, mbona ari byiza.

12 Niba mufite itorero mujyamo, mukomeza mujyeyo kandi mukomere ku inshingano zanyu, ariko nimba nta torero mufite, mukaba mwifuza kugaruka uyu mugoroba, kuwa gatatu nimugoroba no ku cyumweru nimugoroba, ni fuzaga uyu mugoroba, gufata igice cya mbere cy'urwandiko rw'Abefeso, kuwa gatatu nimugoroba, igice cya 2 cy'Abefeso, ni cyumweru gitaha, igice cya 3 cy'Abefeso kugira ngo bishyire urusengero ku murongo. Muzi ibyo nshaka kuvuga, ni ukuvuga kurushyira mu mwanya warwo, kandi ndibaza ko komeza itorero.

Noneho, sindi… nigisha ibi gusa kubaza gusengera kuri Branham Tabernacle. Nimba umwe muri mwe, bene Data… ndabizi muri mwe, ndibaza, bafite inama. Ni urubyiruko rwa bene Data ba Sellersburg n'abandi bari bafite inama. None, mwumve ibi, ni ibiterane by'ububyutse. Mubyitabire. Ni abakozi ba Kirisitu, urubyiruko ruhagaze mu cyanzu, basohotse. Mugihe itorero ryabo ryanze ukuri kose, ariko bo barahava, kandi Imana ikaba yarabahamagariye umurimo wayo.

13 Yego, yego, hari - hari umuntu nkunda cyane… izina rye siryibuka neza. Ariko ni umuhungu ukiri muto, umuntu ufite umutima mwiza, kandi mwiza k'umubiri, ufite umugore mwiza n'abana.

Na mwene Data Junie Jackson yagize ibiterane muri aka gace; nawe n'itsinzi nziza kandi igaragara y'ubuntu butaganje bw'Imana.

Iyo habaye ibiterane by'ububyutse mu matorero yanyu, mugeyo, kuko aricyo kintu cyo gukora, kuko mutazi… umunyabyaha ashobora kwegera kugicaniro, bishobora kuba gombwa ko umujyana kuri Kirisitu, nibyo byazatuma mugira icyo mugenerwa kinini mu ijuru. Iki ni ikigisho, cyo gushyira gahunda mu itorero, hano kuri Tabernacle, kugira ngo bidufashe mu rugendo dufite.

14 Nuko, sinazanye isaha yanjye, birasaba ko haza kugira umuntu iyi ncugira mu mwanya wanjye. Doc amaze kunyereka ko hari ihari, none…

15 Ubu, sindibuvuge igihe kirekire. Noneho, niba hari abashyitsi hagati yacu, twifuzaga kubaha ikaze, biturutse k'umutima wacu wose. Murakaza neza hagati yacu, muri Tabernacle ntoya. Ntidufite urusengero runini. Ariko muri ikigihe, turateganya kubaka indi - si nini, ariko tuzayubaka… iyi ntimeze neza; tuzagerageza kubaka urusengero ruto kandi rwiza, vubaha, igihe - imana nibitwemerera. Benshi muritwe bashyiramo imbaraga muri icyo gikorwa, kandi ibyo turabibashimira cyane.

16 Noneho, nifuzaga ko mwafungura hamwe nanjye, mu gitabo cya Samweli igice cya 8, dutangirire, ku murongo wa 19 no kuwa 20, kungira ngo bidufashe kubona umutwe w'ikibwiriza. Ubu noneho, mugihe

mukiri kuhashaka, na mbere yuko… turi fuzako - tugiye kuhasoma, nyuma yaho twifuzaga ko twajya mu isengesho; haba hari ibyifuzo iki gitondo, uwumva yavuga ati: "muze kunyibuka"?

17 Kugiterane cyacu cya nyuma… hari ibyumweru 2 cyangwa 3, mugihe yari njye wari ukiyoboye… harya, kuri byo, mugihe mukifungura Bibiliya zanyu, igiterane cya Chatauqua kizatangira kuri esheshatu. Twiteguye ibihe byiza cyane, i Middletown, muri Ohio. Mwebwe muzafata ikiruhuko [muri icyo gihe], muzaze - hari ikibanza kinini cyaho bacumbika hafi y'uruzi, hazaba hari ubwoko bwose - ubwoko bwose bw'ibyigishwa mutari mwigera mwumva. Haba hari abigisha ku nkombe zuruzi hose, buri gitondo, umunsi wose ndetse n'ijoro ryose. Abantu bose baba bateranye. Ni kibanza kinini cyo gusohokeramo, kiruta kure icya Silver Hills, ni kinini cyane. Kandi, hari ni cyumba gishobora kwakira abantu ibihumbi 8 000 cyangwa 10 000, kandi gihora cyuzuye. Tuba turi mubihe byiza muri - muri Ohio.

18 Kandi nibyo byiza mwene Data Kidd, uwo nagiye gusengera igitondo gishize… murabyibuka ko nabibabwiye muby'umweru 3 bishize. Muganga yari yamuhaye amasaha 24 yo kubaho; none ari aha aragenda. Yavuze icyandikwa kimwe, n'indirimbo imwe atabashaga ku ririmba. Igihe nagiyeyo ikindi gitondo, nka mubona yambaye agafurari ke gato… navuye aha nka sakumi (04h) butari bwacya, ku ngira ngo mbashe ku mugeraho, bavugaga ko ari bupfe icyo gitondo azize canceri ya prostate.

19 Umugore we yameseraga amacenti 50 ku munsi. Kuhera umunsi utangiye kugeza ni mugoroba, ku masenti 50, kungira ngo umugabo we abashe gukomeza umurimo wo kubwiriza mu bandi ba bwiriza. Ibyumweru bibiri bikurikira, yakomeje uruhererekane rw'ibiterane by'ububyutse aho yabwirije; yatanze ituro anabona amasenti 80. Ariko, na mubonye yicaye aha,

Igitondo gishize, abo bashakanye, bari bicaye hariya, umugabo yari afite ifurari ku rutugu. Harimo umwe muri bo yari yazanye kuri Kirisito, ufite imyaka 92, yishimye kandi agikomeye, umu pantecote wuzuye, yicaye aho, murai…

Hanyuma ndavuga nti: "murazi, mwe mushaje, muzi impamvu mwicaye aho"? Bati dutegereje ko ubwato buza.

Nibyo. Akazi, ibyo bashoje; intego yabo, bayigezeho, none ubu, biteguye kugenda berekeza kubihembo byabo. Kandi nabwiye mwene Data Chieveko - na mwene Data Kiddson - Kidd iki gitondo cyo: "muzaba muri mugiterane cya Chatauqua." Yara mpamagaye ejo ara mbwira ati: "ndumva meze neza…, nzaba mpari mwene Data Branham. Nzaba mpari…" noneho, ni byiza.

20 Benshi mubitabira ibiterane nibo mbuto z'urugendo rushya rwanjye. Hari mwene Data - mwene Data uri hano; umukobwa we, w'umwangavu, yari ikirara ho gato, igitondo gishize, naramubwiye nti: "mbahaye umukobwa wanyu kubwa Umwami Yesu" batashye yamaze gukizwa, none n'undi ari aha, kugira ngo abatizwe, kandi biracyakomeza.

Kandi hari umuntu, umugabo witwa Sothmann, umwe mu nshuti zanjye za Canada, umukazana we yari hafi y'urupfu, ndamubwira nti: "nimugera yo, murasanga umukazana wanyu ameze neza, ntakibazo afite, kandi yagaruye imbaraga." Kandi byagenze uko nyine. None rero… hari abantu barikuza. Biracyari ku ntagiriro gusa, none byatangiye kujya mubikorwa. Ariko yoo! Dutegereje ibintu bidasanzwe, birenze ibyo twatekerezaga. Turi mu minsi yanyuma, iminsi mibi, ariko kandi ku isaha y'icyubahiro.

21 None mwaba mufite Bibiliya zanyu, kugira ngo dusome? Samweli igice cya 8. Kandi nasabye Gene kuguma hariya inyuma mugihe bakiri gufata amajwi yibikurikira kungira ngo… twari kuntagiriro y'igiterane.

> *Abantu banze kumva ijwi rya Samweli. Oya! Ariko baravuga, bati, hazabaho umwami utuyobora, kugira ngo natwe tubeho nk'ibindi bihugu… ibihugu byose, umwami wacu azaducira imanza, azatujya imbere kandi anayobore intabara zacu. Samweli, akimara kumva amagambo y'abo, abisubiriramo mu matwi y'Uwiteka. Uwiteka abwira Samweli ati: bumve, ubashakire umwami. Noneho Samweli abwira abana b'Israel ati: nimugende buri wese mu mujyi wiwe.*

Noneho, muri iki gitondo, nimba nshaka guhitamo icyo nakwita umutwe w'ikigisho mpereye kuri ibi, ku minota igiye gukurikira, nahitamo ikigisho ki kurukira: Umwami wanzwe.

22 Cyari igihe cyo, nk'ibindi bihe byose, abantu ntibashakaga nagato ko Imana ibayobora. Abantu baba bashaka kuyoborwa uko bo babishaka. Iyi nkuru, iki gitondo… igihe muri butahire iwanyu, byaza kuba byiza mugiye musoma kugeza kwiherezo. Byabaga kugihe cya… Samweli, umukozi w'Imana, umuhanuzi wayo. Yari yarabaye umuntu w'umunyakuri, umuntu winyangamugayo, w'ikcyubahiro, ufite amateka meza, wubaha kandi akaba umunyakuri imbere y'abantu bose, nta kosa na rimwe yigeze abakorera, ntakindi yaba mbwiraga usibye "NI UKO UMWAMI AVUZE."

23 Ariko abantu bari bazaga aho gukuraho iyo gahunda. Bari bitegereje aba Filicitiya, naba Meleki, naba Moritei naba Hitite n'ibindi bihugu byo ku isi, babona ko bo bafite abami babayobora, babategeka, babayobora, bakanabayobora ku rugamba n'ibindi n'ibindi. Byagaragara ko Israel yashaka gufata urugero

rwabo bami n'ibyo bihugu.

Ariko nta narimwe, nta gisekuru na kimwe, ubushake bw'Imana ko ubwokoko bwayo, bakora nk'abantu b'isi, cyangwa ngo bayoborwe cyangwa ngo genzurwe nk'abantu b'isi. Igihu cy'Imana cyahoze ari - igihu cy'ihariye, igihugu gitandukanye n'ibindi, cya hamagariwe gusoka, gutandukana n'abantu, mu mikorere y'abo, mu myitwarire, mu mibereho y'abo itandukanye n'ibindi bihugu by'iy'isi.

Uburyohe bw'ibintu by'isi n'ibibigize byose bitandukanye rwose n'ibyifuzo by'abantu b'isi.

24 Ubwoko bwa Israel bwegera Samweli buramubwira buti: " dore umaze gusaza, kandi abahungu bawe ntibagukurikiza." Muby'ukuri, ntibari inyagamugayo nka Samweli; baryaga ruswa, bakanemera amafaranga. Barongera bati: "Samweli, abahungu bawe nti bameze nka we, turashaka ko ugenda ukadushakira umwami, ukamushyiraho, tukaba nk'ibindi bihugu byo kuri ino si."

Samweli agerageza kubasobanurira ko bitazabagwa neza. Arababwira ati: "nimukora ibyo, vubaha, muzabona ko azafata abahungu banyu, akabagira abasirikare be, kugira ngo biruke imbere y'ibinyabiziga by'intabara bye batwaye intwaro n'amacumu. Kandi si ibyo gusa, azafata abakobwa banyu kungira ngo bajye bokora imigati, azababtwara kugira ngo bajye bagaburira abasirikare." Arongera ati: "ibirenze kuri ibyo byose, azabasoresha ku bintu byanyu byose no ku byo muzaba mwasaruye byose no kubyo mwinjiza byose. Azabasoresha kuri ibyo byose, aribyo bizatera amadeni kuri reta n'ibindi byose, bizasaba ku ishyura." Arongera ati: "Ndacyeka ko muri kwibeshya." Ariko, abantu baramubwira bati: "ariko twe turifuza kumera nk'ibindi bihugu."

25 Hari ikintu abagabo na bagore kiduhuza twese. Hari umuntu umwe gusa wabaye ku isi watubereye urugero, uwadupfiriye twese, Umwami ni umucunguzi wacu, Yezu Kirisitu. Niwe rugero nyarwo niko twagomba kuba: abantu burigihe bita kubintu bya Data bakora ibiri byo.

26 Uko byagenda kose Samweli ntakintu yari kubasha kumvisha abo abantu, bamuhoraga iruhande, amanwa ni joro, bavuga: "turashaka umwami. Turashaka umuntu, turashaka umuntu, uwo tuzabwira: "dore umuyobozi wacu." Kandi ibyo ntibyigeze biba ububushake bw'Imana. Ntibyigeze biba ubushake bw'Imana, kandi ntibizigera biba ubushake bw'Imana, ko abantu bima ku bandi. N'Imana ni yo yima ku muntu. Imana ni yo shebuja wacu, Imana ni yo mwami wacu. Ibyo biragereranwa nibiba uno munsi, ubwo umuntu agifite icyo gitekerezo. Biragaragara ko batabasha kumva ko ari Imana yima ku muntu, ko atari umuntu wima ku wundi.

Nuko, bihitiramo umuntu bitaga Sawuli, wari umuhungu wa Kis. Yari umuntu ufite imiberoho myiza, umuntu wicyubahiro. Ariko, yari uwo abantu bashakaga, kuko yari umuntu wategekaga, afite igihagararo kirerekire kandi ufite icyubahiro. Ibyanditswe bivuga ko yasumbaga abantu bose bo muri Israel. Yari afite igihagararo cy'ubwami, kandi yari mwiza ku mubiri. Yari umuntu uzi ubwenge kandi udasanzwe.

27 Kandi, ni nkuwo muntu abantu b'iki gihe bakwifuza guhitamo. Bimeze nkaho abantu batishimiye uko Imana yashinze itorero ryayo, kugira ngo ritegekwe kandi riyoborwe n'Umwuka Wera. Barasha ko yaba ari umuntu, amadini, ko haba abantu bategeka itorero, abantu badashobora kwiyegurira mu maboko y'Imana ku kugira ngo bagire Umwuka Wera cyangwa bayoborwe n'Umwuka Wera. Barashaka umuntu uza kora ibyindi mu mwanya wabo; umuntu uza babwira uko bangomba gukora mu indini ni bindi nki byo. None, uwo muntu yari akwiriye uwo mwanya, kuko yari umuntu wu munya bwenge.

Kandi ibyo birasa nk'ibiba muri ino minsi. Dukunda guhitamo abantu nk'abo n'atwe, kugira ngo bayobore insegero zacu, kugira ngo bayobore Urusengero rw'Imana. Ibyo ntakintu mbivugaho, ariko ndashaka kwerekana ikintu kimwe: ntibyigeze, ntibiri, kandi ntibizigera biba mubushake bw'Imana ko ibintu bikorwa bityo. Ni Imana igomba kuyobora ubwoko bwayo, igategeka buri wese.

28 Turabona ko uwo muhungu wa Kis, yari umuntu utegeka, kandi ighagararo cye ni… abantu bari bamwishimiye aho bavugaga ko ikanzu ni Kamba by'umwami bya mubera, ko kandi mukugenda, yaca kubantu bose, ko yaba umwami nyawe wa Israel. Urebye, abandi bami… bi bindi bihugu bari kuvuga bati: "murebe, mbega umuntu!" ukuntu bari ku mutungira agatoki, bavuga: "murebe umwami dufite! Murebe umuntu ukomeye udutegeka!"

Kandi ibi birababaje kubivuga, ariko niko bimeze muri ino minsi mu Itorero. Bakunda kuvuga: "si umuntu w'injiji; ni umuntu ukomeye. Afite impamyabumenyi yo muri kaminuza ya Havard, cyangwa yo muri tewolojiya. Afite impamyabumenyi enye zo muri izi kamizuza ni zi, kandi ni umuntu usabana." Ibyo byose, wenda ni byiza, ariko bifite umwanya wabyo, ariko uburyo bw'Imana, nuko Itorero ryayo riyoborwa n'Umwuka Wera kandi n'Umwuka wayo. Ariko abantu bakunda kuvuga bati: "dusengera mu idini rikomeye. Turi intwararumuri, nitwe tangiye ku intagiriro turi itsinda rya bantu bacye, tukiri umubare mucye ushoboka. None ubu, umubare wariyongereye, kugezaho turi mu madini akomeye. Dufite ibigo bya mashuri n'ababwiriza bo mu rwego rwo hejuru. Abantu bacu bambara neza, kandi abantu b'abanyabwenge bo muri uyu mujyi na bayoboke b'idini ryacu. Dukora ibikorwa byo gufasha, kandi tunakora n'ibindi bikorwa byiza, n'ibindi nka byo." Ntakindi cyo kuvuga, Imana indinde kuba nakongeraho

n'ijambo n'arimwe kuri ibyo, kuko ibyo byose, ni byiza; ariko uko byagenda kose si ubushake bw'Imana ko umuntu ayobora undi.

29 Umunsi wa pantecoti Imana yohereje Umwuka Wera kugira ngo wime mu mutima w'umuntu no mu buzima bwe. Nti byigeze bihabwa umuntu ngo yime k'uwundi.

Rero, dukunda kuvuga dutyo. Ni ikintu kigaragara neza kuvuga ko turi abanya muryango w'idini rikomeye: "ese uri umukirisitu?" nuko nageze kuri uwo mutwe w'ikigisho. Igihe narindi kwa muganga na bajije umuntu:

Ese uri umukirisito?

Uwo muntu aransubiza ati: " nsegera mu itorero iri n'iri."

Ese uri umukirisito?

Ati : Nsegera mu itorero runaka.

Umugagangakazi yaraje ku mutwe w'igitanda, igihe nasomaga Bibiliya; yari amaze kuzamuka mu igorofa, aravuga ati: " mwaramutse." Aravuga ati: "mwene Data Branham, ndacyeka yuko muraha kubera isuzumwa ry'ubuzima."

Ndavuga nti: « nibyo. »

Aravuga ati: « Ese naba mbagorora umungongo, kukugira ngo mube muruhuka gato, nkoresheje alukole (alcool)?

Ndamusubiza nti: "mushobora kubikora."

Mugihe yangororaga umungogo, yaravuze ati: "nirihe dini mubamo?"

Ndamusubiza nti: " ndi mu idini rya kera ribaho."

Arasumbiza ati: "ryaba ari irihe dini?"

Ndamusubiza nti: "ni iryashinzwe mbere yuko n'isi ibaho." "Aravuga ati : Yoo! Ni irihe… ndacyeka ntaryo naba nzi…" aravuga ati: "njye, nsegera mu urusengero runaka. Ryaba ari iryo ?

Ndavuga: "Oya, mada. Iryo, ni idini ryatangiye hashize imyaka 200 gusa. Ariko umuryango ndikuvuga watangiye igihe inyenyeri za mugitondo zaririmbaga kandi abana b'Imana bavuza impundu z'ibyishimo, igihe babonaga igaruka ry'Umukiza aje gucungura isi"

30 Yarekeye aho kungorora umugongo, nari nihinnye gato nk'uku, kukugira ngo abashe nkungorora. Yavaga i Corydon, si kure yaha. Twatangiye kuganira nuko aravuga: "yemwe, nahoze nizera ko nimba Imana yari Imana, iracyari Imana na nubu, nkuko yahozeho igihe gishize." Aravuga ati: "nubwo itorero ryanjye ribihakana ryivuye inyuma, ariko njye, nizera ko ari ukuri." Ndavuga nti: "nturi kure y'Ubwami bw'Imana, wa mukobwa we." Avuga ati: " nimba yarabaye ukiza indwara, nanubu siko akiri?" Ndamusubiza nti: "niko Akiri mushiki wamjye."

31 Ariko umuntu arashaka kwima hejuru, kwima hejuru y'undi; kandi umuntu arashaka ko ari undi muntu wima hejuru ye. Ntashaka ko Imana yima hejuru ye.

Nuko, umuhungu wa Kis, witwa Sawuli, yari igisubizo nyacyo kubyo bifuzaga. Umugabo ukomeye ufite ubutegetsi kandi… eh! Yashoboraga kubajya imbere ku rugamba, n'ibindi. Ariko, ntibyari muburyo Imana yashakaga gukoramo ibintu. Imana yashakaga ko umuhanuzi wayo abayobora akanababwira amagambo yayo.

32 Kandi muri ikigihe, muri iki gisekuru cy'itorero tubamo, twe… ndacyeka ko kandi ndabyizeye n'umutima wanjye wose ko twakoze ibibusanyije nibyo Imana yatubwiye gukora. Mu magambo yanyuma y'Umukiza, ari muri Mariko 16, havuzwe ngo:

> *…mujye mu mahanga, mubwirize inkuru nziza kubyaremwe byose. Uzizera kandi akana batizwa azakizwa, utazizera azacibwa urubanza. Dore ibitangaza bizaherekeza abazaba bizeye: mu izana ryanjye, bazirukana amadayimoni; bazvuga mundimi nshya; nibafata inzoka, cyangwa bakanywa uburozi, ntabazaba nagato; kandi ni barambika ibiganza kubarwaye… abarwaye bazakira.*

33 Nta muntu numwe, nta muhungu numwe wa Kis, nta n'undi, nta n'undi ushobora gukora ibyo adafite Umwuka Wera. Ariko twashinze amashuri, twashinze amaseminari n'amadini, kugira ngo tunyurwe kandi duse nk'abandi bo mu isi.

Kera, yari Umwuka Wera wayoboraga iki gihugu. Mbere, iki gihugu cyari kitegetswe, kera igihe

basabaga ubwingenge, kandi hari intebe nyindi hariya. Ntagushindikanya nagato mfite mu bitekerezo byanjye ko Umwana w'Imana yari yicaye kuri iriya meza, igihe kiriya gihugu cyashinzwe bigendeye ku mahame yubwibohore bw'idini, n'ubwibohore ku mpande zose, kandi bishingiye ku Ijambo ry'Uwiteka Imana. Ariko ibyo barabyishe; politike. Bashyizeho abantu, bagura kandi banagurisha, kandi bakora amasezerano y'ikinyoma, kuburyo igihugu cyacu, politike yacu na democarasi yacu, biranduye cyane kuburyo byivanze na komunisime n'ubundi bwoko bw'amahame ya politike n'ibindi byinshi bimeze nkibyo.

34 Akenshi, dutangiza ibikorwa n'isengesho, mugihe abaturage na zareta bahuriye hariya, cyangwa se baganira ku bintu runaka. Vuba aha, mu gihe gikomeye, ntibanibutse kuba bavuga kubijyanye n'isengesho! Ni gute tuzabasha gukemura ibibazo byacu tutasenze? Nigute isi ishobora kuba yategereza ko tugira icyo tugeraho tudafite Umwuka Wera utuyobora?

Ariko munyemerere kuba navuga ibi, nubwo nkunda kandi nkanubaha igihugu cyacu, ni bendera ryacyo na repubulika bihagarariye: twahakanye umuyobozi wacu, Umwuka Wera, kandi, kubwa politike yacu mbi, twahisemo abantu bafite imyuka mibi. Kandi, nimutabyitondera, vubaha bazatangira gukora amakosa mabi batigeze bakora. Kandi ibyo, nuko abantu bashaka ko ari umuntu ubima hejuru.

35 Uwo dukeneye nka President, hano muri Capitole, muri Leta Zunze Ubumwe, icyo dukeneye nka Kongere (conge), ibyo dukenye mu miryango, ni abantu bitangiye Imana, buzuye Umwuka Wera kandi bayobowe ni kerekezo cyayo cyera. Ariko aho kugira ngo bigende bityo, dushyiraho abantu bize, abantu bameze nkaho bagira impuhwe ariko bahakana imbaraga z'Imana; abantu batemera akenshi birenze ibyo, murebe namwe ibyo twahisemo muri politike y'igihugu cyacu, kandi si aho, no mu matorero yacu.

Amatorero yacu yaranduye kubera amahitamo yabagomba kutuyobora, twifashishije amaseminari, duhitamo abantu baminuje mu mashuri, abantu bafite ubumenyi bwinshi, kandi ni abantu bazi gusabana, bakomeye mu midugudu yabo; ntacyo narenzaho kuri ibyo. Ni abantu bakunzwe, bita kubuzima bwabo bwa buri munsi nuburyo bwimyifatire mu bandi bantu no mu baturage; abantu bakomeye mu buzima bwabo… kandi nta kibi kirimo kuvuga kuri ibyo. Imana imbabarire kuba nagira ibitekerezo bibi. Ariko uko biri kose, sibyo Imana yari yaraduhitiyemo. Ni ukuyoborwa n'Umwuka Wera: Kirisitu mu mutima w'umuntu.

36 Abantu benshi b'abanyabwenge bahagarara ku gicaniro, bahakana ukubaho ku m'Umwuka Wera. Benshi muri bo bahakana ugukizwa kwa kimana n'imbaraga z'Umwuka.

37 Nasomaga ikinyamakuru (hari ejo), amakuru kuri Jack Coe, nyakwigendera Jack Coe, umwe mubo neretse akiza k'Umwami Yesu, wigeze kuba intwari ku gihe cye, wari wahamagawe komvokasiyo yo muri Floride, kubera yari yarasabye umwana muto gukuramo imbago yari yambaye kumaguru ngo azamuke hejuru ku gicaniro. Akurikiza ayo mabwiriza, umwana yatambutse nkibisanzwe ku gicaniro, hanyuma aragwa igihe yari ageze kwa nyina. Ni akagambane k'umwanzi wa Kirisito.

Yari umugore ukiri muto n'umugabo we bashinjije mwene Data wacu imbere y'urukiko. Nuko, rero itorero ryose ryari ku mujya inyuma, igihe abantu b'itorero bavugaga izina rya Yesu Kirisito bari kujya iruhande rwe, umuntu wese wari kuvuga izina ry'Umwami Yesu yari kuba yarapfukamye agasenga. Ariko aho, kugira ngo bibe ibyo, ibyabanje gusohoka mu kinyamakuru, nuko rimwe mu madini ryacu ryavuze ko ryishyize hamwe na batemera kugira ngo bashinje kandi banafungishe mwene Data Jack Coe. Muribaza itorero ryiha izina rya Krisitu ryihuza na batemera kukugira ngo bacire urubanza umuntu wizera, wageragezaga n'umutima we wose kushyigikira Bibiliya

38 Igihe mwene Data Gordon Lindsay yaje ku muvuganira, nuko umucamanza aravuga ati: " uyu mugabo ni umubeshyi, kubera yakuyemo icyuma cyo ku kuguru k'uyu mwana, akamugendesha ku gicaniro, avuga ko yari yakize; yarabeshye kandi yanyuranyije n'amategeko ya muganga. Kubera ibyo, arashinjwa ibinyoma."

Coe arahaguruka aravuga ati: " mugabo, ndahakana icyo kirego. Imana yakijije uwo muhungu."

Umucamanza aravuga ati: "ndabaza buri muntu uri muri urukiko nimba bishoboka ko ibyo muvuze byaba ari byo; ko Imana yaba yarakijije uriya muhungu, ummwanya umwe, undi mwanya akongera akarwa. Nimba ibyo muri Bibiliya birimo, rero M.Coe mwaba mufite ukuri mubyo mwaba mwavuze."

Umuvugabutumwa umwe ashyira ikiganza hejuru aravuga ati: "nyakububahwa, bwana mucamanza, nshobora kugira icyo navuga kuri icyo kirego?" Umucamanza aravuga ati: "ntakibazo."

39 Umuvugabutumwa arahaguruka aravuga ati: "ijoro rimwe, ku Nyanja yari imeze nabi, ubwato buto bwari hafi yo kurohama; nta kizere cyuko barokoka cyari gihari. Babona Yesu, umwana w'Imana, aza agenda hejuru y'amazi. Umwe muntumwa ze, witwaga Petero, aravuga ati: 'nimba ari wowe, Mwami, tegeka nze hejuru y'amazi aho uri, Umwami abwira Petero ati: "ngwino". Nuko ava mu bwato, mugabo, agendera hejuru y'amazi nka Yesu. Ariko igihe yagize ubwoba, yatangiye kurohama ataragera kuri Yesu." Umucamanza aravuga ati: "ikerego kirahagaritswe."

Biradusaba kuyoborwa n'Umwuka Wera, bitari iby'abantu bajijutse.

40 Sawuli, umuhungu wa Kis, yashyizweho nk'umutware w'ubwoko. Yafashe abantu 2 000 na Jonathan afata 1 000; kandi Jonathan yari afite ingabo, arwanya itsinda ryab'Abamoreyani, cyangwa ryab'Ammonite. Nyuma y'intsinzi, Sawuli yavugije ikondera, aravuga ati: "murebe ibyo Sawuli yakoze." Atangira kugira ubwibone.

Igihe umuntu yabaye umuntu ukomeye muri tewolojiya, cyangwa hari ikintu gito kiri ku izina rye, aba uzi byose. Abantu b'Imana ni abantu baca bugufi. Ubwoko bw'Imana bugizwe n'abantu baca bugufi.

Nimubona umuntu uzi ko yakiriye Umwuka Wera agatangira kwitandukanya n'abandi, umeze nk'aho yakiriye agakiza, agashaka kwigira uwo atari, mwibuke neza ko uwo muntu atakiriye Umwami Yesu.

41 Nuko, twabonye umwanzi yijira, yashakaga kw'injira mu itsinda ry'abantu mu bwoko bw'Imana, kandi ashaka gukuramo ijisho ry'iburyo ry'abantu. Nicyo umwanzi ashaka gukora, kubakuramo amaso abiri bishobotse, kugira ngo abantu batabasha kubona ibyo bakora. Nibyo satani ashaka gukora muri iki gihe, kuri buri mu kirisitu: ku mukuramo amaso ye y'Umwuka, kugira ngo akurikire ibya banyabwenge ariko atari iby'Umwaka Wera ubayobora.

Nuko, rero, bakoze ibyo, bamaze gutsindwa, Sawuli abagisha ibimasa bibiri abyohereza mubwoko bwe. Nifuzaga kubereka ko igihe Sawuli yohereje ibyo bice by'ibimasa muri Isiraheli hose, yaravuze ati: "uwari we wese utazangendera kuri Samweli na Sawuli, azakorerwa nk'ibi." Murabona uburyo, agira kwerekana ibintu mu buryo bubi, agerageza kwihuza n'umuntu w'Imana ? Muby'ukuri ntibyari ubukirisitu. Abantu batangiye kugira ubwoba kubera Samweli. Ariko Sawuli yatumye bose bamukuriya, kuberako abantu batinyaga Samweli. "Ko bakurikizaga Samweli na Sawuli."

42 Nanone, ubu, ni inshuro nzigahe twumvise ibyo: "turi itorero rikomeye", "turi itorero rya kirisito", "turi itorero ry'Imana." "turi ibi n'ibi." Nibyo bitera abantu ubwoba, kubereka ko bashaka kubereka ko ariho Imana ariho ikorera. Kandi ntibashaka kutwarwa n'Umwuka Wera; bahisemo gukurikira abantu nkabo, kuko bakunda kubaho ubuzima bwabo bwite. Bakunda kwizera ibyo bashaka kwizera.

Murabona ko Umwaka Wera ari umucamanza wacu? Imana ntiyigeze iduha umupapa, cyangwa umusenyeri, cyangwa uwari we wese, kugira ngo atubere umucamanza. Ni Umwuka Wera, Imana igaragaye mu ishusho y'Umwuka Wera, niyo mucamanza ndetse n'umuyobozi wacu.

43 None kubera iki ibyo ? Mumbabarire kubw'iy'imvugo ikarishye, ndetse ikarishye cyane. Simbivuganye ubugome, mbivuze kubwo urukundo. Umwuka Wera uvuga ko ari bibi ku bagore bacu gukata imisatsi, kwambara ibintu bigufi, amapantaro, kwisiga ibintu ku munwa ndetse n'ibindi mu isura; Umwuka Wera uvuga ko ibyo byose atari byo. Ariko twe, dushaka abantu bazatubwira yuko ntakibi kirimo!

Ariko igihe tuzakurikiza "Samweli nanjye…" Bakunda kubaho uko bo babyifuza mugihe cy'iminsi itandatu, bakajya murusengero ku cyumweru mugitondo, ku kugira ngo umuntu wize, usa neza, warangije kaminuza, ufite impamyabumenyi nyinshi, ababwiriza akanya gato… ahasigaye akababwira ibashimisha ndetse bibaryoheye mu matwi no kubarangaza nkaho yaba ari filime cyangwa ikiganiro cyo kuri televisiyo, akanabasengera gato, yarangiza akabohereza mungo zabo, bumva bafite ikintu kimeze nk'umutekano ndetse bananyuzwe no kuba bakoze inshingano z'idini ryabo.

Ibyo, ntabwo ari ubushake bw'Umwka Wera. Umwuka Wera ushaka ko mwegera Imana iminsi yose y'icyumweru ndetse n'amajoro yose mwitandukanya n'ibintu by'isi. Ariko itorero ntiribishaka. Abantu bashaka umuntu uzabasemurira Bibiliya muburyo bo bashaka kuyumva. Ntibashaka kumva Ijwi ry'Umwuka Wera rivugira muri Bibiliya.

44 Benshi muri bo barashaka kuvuga ko igihe cy'ibitangaza cyahise. Barashaka kuvuga ko umubatizo w'Umwuka Wera utakibaho. Abantu ntibagishaka kwitwara bitandukanye n'ab'isi. Ntibashaka gusohoka mu muhanda n'isura yogejwe, abantu bafite ukubaho kwejejwe, badafite isegeriti ku munwa, nta tabi, n'inkono y'itabi, cyangwa n'ibindi nk'ibyo abagabo bakora; n'abagore, bashaka imisatsi iciye, migufiya, no kwambara udukanzu tugufi twerekana uko bateye, ndetse n'ibindi byose bakunda. Barashaka abagabo baza babwira ko ntakibi kirimo.

45 Umugoroba umwe, umuntu yaje kumbwira yuko, kuko nari nigishije ntemeranya nibyo bintu, idini rikomeye cyane, atanu muri ayo madini bavuze ngo: "tujyiye kureka Mwene Data Branham, kandi ntacyo tuzagira kiduhuza. Cyangwa biragusaba gukura ibyigishwa byawe biri mu bantu kandi ukanasaba imbazi kuri ibyo byose, bitabaye ibyo tukakureka."

Ndamusubiza nti: "nzakomera ku Ijambo ry'Imana nubwo byansaba kubura ibyo mfite muri ubu buzima. Nza komera ku Ijambo, kandi…"

Aravuga ati: "ntabwo mwari mukwiye kuba mwakuraho ikigisho iki niki?"

Ndamubwira nti: "ntacyo nigishije na kimwe numva mfititiye isoni. Nta kigisho na kimwe nza kuramo nta na disike nimwe. Nza komera ku byo Umwauka Wera avuga. Kubwanjye, ni ikibazo cyo gupfa

cyangwa gukira.” Nsishaka kwivugira ubwanjye, nageragezaga gusa kubereka ibiba, kugira ngo mubashe kubona no kumva. Ikigaragara, nuko abantu bashaka kuyoborwa n'umuntu.

46 Ntibashakaga Samweli. Kandi, mbere yuko basiga Samweli nk'umwami, nako Sawuli nk'umwami, mu mbabarire, Samweli yagurutse uruhande rwabo. Ngiye kwisobanura muburyo yari gukoresha ubu. Mushobora kuzahasoma.

Yaravuze ati: “bibatwaye iki kugira Imana nk'Umwami wanyu?

Bati : Nuko tutabona Imana.

Ati : Ni njye uyihagarariye. Samweli ati: “nigeze mbabwira ikintu kitari cyo? Nigeze mpanura ikintu kitigeze gisohora neza nkuko nari nabihanuye? Si nababwiye Ubutumwa bw'Umwami? None ndabasaba iki: nigeze mbasaba amafaranga yanyu? Nigeze mbasaba ikintu na kimwe? Nigeze mbazanira ikindi kintu kitari NI UKO UMWAMI AVUZE? Kandi Imana yarabihamyaga, ko ari ukuri.” Nuko Imana yohereza imihengeri n'imvura. Muzi ibyanditswe bibivuga, kugira ngo byerekane ko Samweli yari umuhanuzi w'Imana.

Ukuntu Samweli agarazaga neza Umwuka Wera, muri ikigihe! Umwaka Wera niwo muvugizi w'Imana. Uvuga neza uko Bibiliya ivuga. Wizera ibyo Bibiliya ivuga, kandi ntazabinyura iruhande habe nagato. Ariko abantu bashakaga umuntu uzababwira ibindi bintu.

47 Kandi abantu ntibashoboraga kuvuga ko ubuhanuzi bwa Samweli butari bwo. Basubije bavuga bati: “Samweli, ibyo wahanuye byose mu izina ry'Umwami, Umwami yarabikoze nkuko wabaga wabivuze. Nta kosa na rimwe. Ntiwigeze uza udusaba amfaranga yacu. Wirwanagaho. Ntiwigeze ugira icyo udusaba kugukorera kidasanzwe. Wegeraga Imana yawe, ikaguha ibintu byose. Namagambo yawe niyo; ibyo wavugaga byose mu Izina ry'Umwami, byasohoraga neza nkuko wabaga wabivuze, ariko turashaka umwami!”

48 Mushobora kubona ikbazo? Mushobora kubona uburiganya bwa satani, uburyo ashobora gukoresha ikiremwa muntu? Aho kugira ngo umugabo cyangwa umugore yiyegurire Mwuka Wera kugira ngo y'umve NI KO UMWAMI AVUZE, kugira ngo ugire ubuzima bwera, imico yejejwe, kugira ngo ubone ubuzima butandukanye, kuba ubwoko ukwabwo, igihugu kera, ubwoko n'imyitwarire itandukanye. Abantu bifuza gusa n'isi, gukora nka b'isi no kujya mu itorero bavuga: “ntakibi kiri muribi, mukore uku, mujye imbere.”

Mushobora kubona uko biri? Baravuga bati: “ugukiza kwa kimana ntikubaho. Yo! Umubatizo w'Umwuka Wera wabaye igisenge mu itorero.” Mubundi buryo, Imana yafashe abantu, ikura Umwuka Wera mu itorero, ireka idini riraryubaka.“ Ntanarimwe, ntarimwe. Ibintu nkibyo ntibibaho. Ni Umwuka Wera, Ijambo ry'Ukuri, rigomba kubayobora kugeza igihe Yesu azagrukira. Ariko nuko byatangiye.

49 Sawuli yageze kubutegetsi. Yagize abamukurikira benshi. Yo! Yari afite intwaro nziza, afite abaririmbyi, yari afite ingabo na macumu. Yo! Yarutaga ibindi bihugu byose. Abinjiza muri demokarasi irenze izo twari twarumvishe.

Nibyo neza neza amadini na matorero yakoze muri iki gihe. Dufite amatorero akomeye muri ino isi. Dufite abantu bambara neza kw'isi. Dufite abafite impamyabumezi zikomeye. Bameze neza nka bantu ba Sawuli uko bari baratojwe, bashoboraga kuba bafata icumu, bakarikoresha ndetse uko babyifuza, neza cyane uko amahanga atabitekerezaga. Bari abantu bari baratojwe byose.

Ariko umunsi umwe, igihe cyari kigeze ngo haboneke umuntu wo ku muhangara. Kandi yari yateye ubwoba igisirikare cyose cya Israel, bagaze aho batitira mudukweto twabo duto. Goliyati yari yabahaye ikizami: “niba Imana yanyu koko ikomeye, mwatojwe neza”, nuko abaha ikizami. Ntibari bazi icyo gukora. Intwaro zabo nziza ntacyo zari kubikoraho. N'amacumu yabo nta kintu yari kubikoraho. Habaye ikintu batari bigera bumva mbere yaho.

50 Mucyubahiro cyera, n'agaciro, n'icyubahiro, n'urukundo no mubusabane bw'Imana n'ubukirisitu mvuganye ibi: undi munsi, nasomye mu kinyamakuru cyo muri Afurika ko igihe umuhungu wa Kis, umuvugizi w'ubutumwa bwiza, Billy Graham, yasharirijwe n'umusilamu wamubwiye ati: “nimba Imana yanyu ari Imana, nikize abarwayi nkuko yari yarabivuze ko izabikora!” Umuhungu wa Kis, n'ingabo ze baracecetse bava mu gihugu, batsinzwe. Ni igisebo. Imana yacu ni Imana!

Dufite itorero ryacu ryiza, dufite ibyigisho byacu byiza. Dufite abaririmbyi bacu bishyurwa, dufite amakorari akomeye, inzogera zihanitse zibaho mu gihugu. Dufite abantu bakomeye, bamwe muba kize. Dufite abaminuje, tugendera neza kumahame ya tewologiya. Dushobora kuyabwiriza, dushobora kuyatangaza, dushobora kubwiriza tukanijinza abantu, abantu miliyoni bemera buri mwaka mu itorero. Abaririmbyi bacu barishyurwa, ibibwirizwa byacu byabahanga ni hehe wahera udushinja. Ntacyo bazi kuri ibyo. Ntakintu bazi kububasha bwo gukiza, bw'umubatizo w'Umwuka Wera, bw'ububasha bushobora kujya mu murwayi wa kanseri, usigaranye igicucu cye, akamubohora. Ntakintu bazi kuri ibyo. Ntibigeze batozwa muri ubwo buryo, nka Sawuli n'itsinda rye bari baratojwe n'abantu.

51 Ariko munyemerere mbwire ibi ubwoko bw'Imana namwe, abana bayo, kugira ngo mumenyeko imana itajya ibasiga nta muhamya. Sawuli ntabyo yari azi, Sawuli ntacyo yari abiziho. Ariko Imana yari ifite ka Dawidi ahantu inyuma y'umusozi, ntiyaragiraga intama ibyatsi bibi by'amadini. Yazishoraga ku mazi afutse no kubwatsi butoshye. Yitaga ku ntama za se, yari azi imbaraga y'Imana mukubohora intama ze!

Imana iracyafite Dawidi ahantu, uzi icyari icyo mu kubohora intama y'Imana, ku bw'imbaraga z'Imana. Arabizi buri gihe. Yari yariragije… ntakintu yari azi ku ntwaro za Sawuli, kandi ntazo yashakaga na gato. Ntakintu yashakaga kuba yahuriraho n'amadini yabo, ntiyashakaga iyo myabaro y'urugamba ishaje kuri we. Aravuga ati: "ntacyo mbiziho! Ariko mureke njyane n'imbaraga nzi."

52 Yari yararagiye intama za se. Yitaga ku nzuri. Yari yarazihaye ibyokurya zari zikeneye, kandi zikabaho, zika nororoka neza. "Umuntu nta zatungwa n'umugati gusa, ariko n'Ijambo risohoka mu kanwa k'Imana." Umwungeri mwiza azigaburira : "Yesu Kirisito, uko yari ejo ni ko ari none ni nako azahora". Kandi umwanzi niyibasira imwe muri zo n'indwara, azi imbaraga y'Imana.

Murebe Dawidi muto, yarahahagaze. Baramubwrira bati: "uriya mugabo, ni indwanyi kuva yavuka. No mubusore bwe, ntakindi azi usibye icumu n'intwaro. Yaratojwe bihagije. Ni umutewologiya. Kandi wowe, nta nakimwe ubiziho.

Aravuga ati: "nibyo, mugabo. Ntakintu nzi kubyo yatojwe kuri tewologia, ariko nzi ikintu kimwe, nuko iyo umwanzi aje gutwara intama imwe muza Data, naragiye, njya kuyitabara n'imbaraga z'Imana. Narayibohoye! Nyishyira mu mutekano, aho ishobora gutuza, ikagarura ubuzima. Nyizana aho kurisha ubwati butoshye no mazi afutse. Imana yanyeguriye intare mu biganza byayo (narayishe ubwo yari ifashe imwe mu ntama), ika nshoboza no kwica idubu; Imana yo mw'ijuru izajyana nanjye kujya kwica uriya mupagani w'umufilisitiya!" Biradusaba ukuyoborwa k'Umwuka Wera.

53 Nsinzi iminsi yo kubaho kwanjye. Kandi nta n'undi waba uzi iye.

Ikindi gitondo, narindi mubuririri. Nari nsinziriye, narose ko Joseph yari arwaye nkaba naramufashe ngo mu nsegere. Noneho igihe nabyukiye, nari na babaye. Ndibwira nti: "ubwo, wasanga Joseph agiye kurwara." Ubwo ngiye kubona imbere yanjye hanyuzeho igicucu gito kijimye, cyangwa se gifite ibara ry'ijimye, kandi cyasaga nkaho ari njye. Nara kirebaga, nuko haza umuntu wambaye ibyera inyuma yacyo, yari We. Ndeba umugore wanjye ndeba niba yakangutse, kugira ngo mwereke ibyo kugira ngo nawe abone iryo yerekwa; ariko yari asinziriye. Ndavuga nti: "Yoo! Mumbabarire, Mwami, byari byerekeranye n'ubuzima bwa njye. Byasabye ko unsunika, mubyo nkora byose. Igihe cyose habaga ikintu, nibazaga ko ari wowe wabikoraga, ariko mbonye ko ari satani washakaga kunshyira kure yibyo." Ndavuga nti: "yaba wari kunyobora." Noneho, mukureba, mbona ishusho y'umuntu mwiza ntari nabona. Kandi yari imbere yanjye areba iruhande. Azamurara ukuboko afata ukwanjye, nuko atangira kungenda muri iki cyerekezo. Nuko iyerekwa riragenda.

54 Kucyumweru gishize, mugitondo, nari nabyutse kare cyane. Iri yerekwa, hari kuwa gatandatu. Nahoraga ntekereza ku rupfu. Mfite imyaka mirongo itanu, igihe cya njye cyari… kubwanjye, nta gihe kinini nsigaranye. Nibazaga icyo nzaba ndi muriyo tewofaniya, uyu mubiri wa hera. Ese nzabona inshuti nzanjye nkunda, cyangwa se nzabona agacu gatoya kumweru kanyuraho, nkazavuga nti: "murebe hanyuzeho mwene Data Neville", cyangwa… ntazabashe kuvuga nti: "waramutse, Mwene Data Branham? None igihe Yesu azazira, nanjye nzogera mbe umuntu"? Nibyo natekerezaga kenshi.

Narose ko nari iburengerazuba, nariho nambuka umurima muto mwiza, umugore wanjye yari ari kumwe nanjye, twariho turoba hafi aho. Narahagaze mfugura umuryango, ijuru ryari ryiza cyane. Ntabwo byari bimeze nka hano mumisozi. Ryasaga uburudu n'uducu twiza twumweru. Nuko mbwira umugore, wanjye nti: "tuba twaraje hano kuva kera kose, mukunzi."

Aransubiza ati: "twari kuba twaraje, Billy, kubw'abana."

Ndavuga nti: "nibyo."

55 Nuko mpita mbyuka. Ndibaza nti: "narose cyane! Ndibaza kubera iki." Nubika amaso, yari aryamye hafi yanjye. Ndeguka, ndikubyiringira amatwi, nkuko mwigeze kubikora, benshi muri mwe. Tsindagiza umutwe ku mutwe w'igitanda, amaboko inyuma yanjye. Kandi narindyamye aho, uko, ndimbwira nti: "ubu, ndiho ndibaza uko bizaba bimeze hirya hariya. Mfite imyaka mirongo itanu, kandi ntakintu na kimwe nari nakora. Yaba nibuze hari icyo nakorera Umwami. Kuko ndabizi ntazaba ndi umuntu uzapfa… icyakabiri cy'igihe cyanjye cyararangiye, cyangwa ikirenze icyakabiri. Nubwo nabaho igihe kirekire kurusha abanjye, uko byaba kose igice kinini cy'igihe cyanjye cya rahise." Narebaga hafi yanjye, nari ndyamye aho kandi nari niteguye kuhaguruka. Twari hafi saa moya (7h). Ndibaza nti: "ndizera ko ndibujye mu rusengero ubu mugitondo numva nkomeza kushoberwa, nifuzaga kumva aho mwene Data Neville abwiriza."

Nuko, ndavuga nti: "mukunzi, wakangutse?" yarasinziriye cyane.

Nsishaka ko mubura ibi. Kuko ibi byarampinduye. Nsishobora kuba mwene Data Branham narindi.

56 Nararebye, kandi nkumva ikintu kidatuza kuvuga kiti: "ubu nibwo ugitangira. Komera ku rugamba. Komeza gusa wiruke." Nanyeganyeje umutwe akanya gato. Nuko, ndibwira nti: "birashoboka wenda ko yaba ari njye utekereza ibyo, mwari mubizi, birashoboka ko umuntu yageraho akatekereza ibintu." Nuko ndibwira nti: "birashoboka ko yaba aribyo ntekereza." Bya vugaga biti: "komeza intabara! Komeza ujye mbere! Komeza ujye mbere!" Nuko ndibwira nti: "birashoboka ko yaba ari njye wavuze ibyo."

Nirumumye iminwa nuko nshyira ikiganza ku munwa; kandi ibyo bya rongeye bira garuka. Byavugaga biti: "komeza gusa wiruke ugana ku ku ntego. Iyaba waruzi ikiri ku mpera y'inzira." Ni nkaho numvaga Graham Snelling cyangwa umuntu uri kuririmba iyi ndirimbo, nkuko, tuyiririmba hano, Anna Mae n'amwe mwese:

Ndabiwe ibyo muri iki gihugu, kugubwa nabi, ndishakira kureba Yesu;

Nifuza kumva inzogera zo ku kiraro, ziriya jyana zituje,

Ibyo byamurikiraga inzira yanjye kandi bikirukana umpungenge zanjye,

Mwami, reka ndebe hakurya y'igihe.

Mwigeze mwumva turirimba iyi ndirimbo hano mu rusengero.

Nuko, numva ikintu kivuga ngo: "ese wifuza kureba hakurya y'igihe?" Ndavuga nti: "byamfasha cyane." Nararebye, mukanya, ndi… nkihumeka, ninsanze ahantu hato hamanuka. Narebye inyuma yanjye narimpari, ndyamye ku buriri. Ndibaza nti: "ibi ntibisazwe."

57 Yemwe, sinifuza ko mwazavuga ibi. Ndi mbere y'itorero ryanjye, cyangwa intama mbereye umushumba. Niba nari muri uyu mubiri cyangwa hanze yawo, cyangwa ari uguhinduka… ntabwo byari nk'ayandi mayerekwa nagize. Nashoboraga kureba hariya, kandi nashoboraga kureba naha. Igihe nageze hariya hantu hato, hari abantu benshi ntarigera mbona, bazaga bansanga bavuga bati: "yo! Mwene Data w'agaciro." Nararebaga, hari abakobwa b'inkumi, bashobora kuba bafite mu myaka makumyabiri ( hagati ya 18 na 21 ), banyegeraga bavuga: "mwene Data w'agaciro!"

Dore abasore bazaga, mubwiza bwose bwa gisore, amaso yabo arabagirana, yasaga nk'inyenyeri zimurika mu ijoro ryijimye, amenyo yabo yera nk'amasaro, bagasakuza ba mpamagara bati: "yo! Mwene Data w'agaciro!" Nahise mpagarara, ndareba, nari nabaye umusore. Ndahindukira ngo ndebe umubiri wanjye ushaje wari hasi aho, ngamye niseguye amaboko. Ndavuga nti: "ibi simbyumva."

Abo bakobwa barampoberaga.

58 Ndebye neza nsanga hano turi mu bantu bavanze (abagabo n'abagore), ngiye kuvuga ibi mu bwitonzi no mu bushishozi bw'Umwuka. Umugabo ntashora guhoberwa n'umugore ngo abure kumva amarangamutima ya cyimuntu. Ariko hariya, ntibyari bihari. Nti habaho ejo hashize cyangwa ejo hazaza. Ntibananirwa. Bari… sinigeze mbona abakobwa beza nkabo mubuzima bwanjye bwose. Bari bafite imisatsi miremire yagwaga mu mugongo kugera mu rukenyerero, amakanzu maremare yabageraga ku birenge, bari aho bampobera. Ntibampoberaga nkuko mushiki wanjye wicaye aha yabikora. Ntibansomaga, kandi nanjye sinabasomaga. Cyari ikintu ntashobora kubonera izina; nta n'amagambo nabona yo kubisobanura. Ijambo ubutugane, ntiryabiga uko biri. Ijambo bihebuje ntiribivuga uko biri, habe nagato. Ni ikintu ntari nigera… bisaba kuba uhari gusa.

59 Narebaga muri iki cyerekezo nkogera nkareba mukindi kerekezo, bazaga ari benshi cyane. Nuko ndavuga nti: "si ndikumva ibi." Ndavuga nti: "nibyiza, uri…" mbona haje Hope; niwe wabaye umugore wanjye wa mbere. Yaraje, ntiyigeze avuga ati: "mugabo wanjye", yaravuze ati: "mwene Data w'agaciro." Nuko arampobera cyane, umugore wundi wari uraho nawe arampobera cyane, na Hope nawe ahobera uwo mugore, buri wese… ndibaza nti: "yo! Iki, ni ikintu gitandukanye uko biri kose; ntibishoboka. Hari ikintu…" ndibaza nti: "yo! Ubu biransaba ko nongera gusubira muri kariya kazu gashaje?" Ndeba impande zose, nariho nibaza: "ibi ni ibiki?" Ndareba, nitegereza neza, nuko ndibaza nti: "ntacyo numvamo nagato." Ariko Hope yari ameze, wagirango… yo! Nku mushyitsi w'icyubahiro. Ntabwo yari atadukanye, ariko gusa yarameze nk'umushyitsi w'icyubahiro.

60 Nuko numvishe ijwi (iryari rya mvugishije mu cyumba) rivuga riti: "ibi, nibyo wabwirige, ibi nibyo Umwuka Wera. Ibi, ni Urukundo nyarwo. Kandi nta numwe wa kwinjira atarufite."

Nahise nshimagira kuruta uko ntabyigeze mu buzima bwanjye bwose, ko bisaba Urukundo nyarwo ku kugira ngo winjire Hariya. Nta mashyari ahaba. Nta miruho. Nta rupfu. Uburwayi nti buzigera buhinjira. Urupfu ntiruzigera rubashajisha; naho bo, ntibashoboraga kurira. Hari umunezero gusa… "Yo! Mwene Data w'agaciro."

Nuko baramfashe mbashyira ahantu hagari kandi hazamuye. Nuko ndibaza nti: "sindi kurota. Muguhindukira, nashoboraga kubona umubiri wanjye uri ku gitanda." Banyicaza aho hejuru, nuko ndibaza nti: "yo! Si nari nkwiye kwicara hano hejuru."

Ngiye kubona mbona abagore n'abagabo mu myaka y'ubusore bwabo maze barankikira mu mpande nzombi, basakuza. Umugore umwe wari uhagaze aho arangurura ijwi ati: "yo! Mwene Data w'agaciro Yo! Twishimiye kukubona hano." Ndibaza nti: "ibi ni ibiki ?"

Nuko, ijwi ryavugiraga hejuru yanjye, riravuga riti: "urabizi, haranditswe muri Bibiliya ko abahanuzi bakiririrwaga hamwe n'ababo." Nuko ndavuga nti: "yego, ndibuka ko biri mu Byanditswe." Ijwi rivuga riti: "nuko, bizagenda niwakiririrwa hamwe nabawe." Ndavuga nti: "neneho, bazaba ari abantu bafatika, nshobora kuzabakoraho." Yoo! Yego. Ndavuga nti: "ariko njye… hari amamiliyoni. Ntabgo hari ba Branham benshi bangana batya.

Iryo jwi riravuga riti: "ntago ari ba branham; nabo weretse agakiza. Nabo wayoboye ku Mwami." Rikomeza rivuga riti: "bamwe mubagore beza ubona hano bari bafite hejuru y'imyaka 80 igihe wabayoboraga ku Mwami. Ntabgo byari bitangaje ko barangurura ijwi bavuga bati: 'mwene Data w'agaciro.'

Bose barangurura amajwi bati : "iyo utaza kugenda, ntabgo twari kuba turi hano."

61 Narebye hirya no hino ndavuga nti: "ibi simbyumva." Ndavuga nti: "yo! Yesu ari he? Ndifuza cyane kumubona." Baravuga bati: "ubu, ari hejuru gato, muri iki cyerekezo." Baravuga bati : "umunsi umwe azaza agusanga, murabona, baravuze, woherejwe nk'umuyobozi; kandi Imana izaza, kandi niza, izabanza igucire urubanza bijyanye n'ibyo wabigishije; niba bazinjira cyangwa batazinjira. Tuzinjira bitewe nibyo watwigishije." Ndavuga nti: "yo! Ndishimye! Ese Pawulo… azabazwaga nkuko? Petero azabazwa nkuko ? "Yego."

Ndavuga nti: "nabwirije ijambo neza nkuko bigishije. Sinigeze nyura kuruhande, haba uruhande rumwe cyangwa urundi. Babatizaga mu Izina rya Yesu Kirisitu, kandi nanjye niko nakoze. Bigishije umubatizo w'Umwuka Wera, najye nuko nabikoze. Ibyo bigishije byose, nanjye nibyo nigishije." Nuko abo bantu bariyamirira, bavuga bati: "turabizi, kandi tuziko umunsi umwe tuzasubira ku isi hamwe nawe." Baravuga bati: "Yesu azaza, kandi uzacibwa urubanza bitewe n'Ijambo uzaba warabwirije. Kandi, niwemerwa icyo gihe, kandi uzemerwa, noneho, uza mutwereka nk'itsinzi y'umurimo wa we w'Imana." Baravuga bati: "uzatuyobora kuri We kandi, twese hamwe, tuza subira ku isi kubaho ubuzima buhoraho." Ndabaza nti: "ese mpatiwe gusubirayo ubungubu?" "Yego, kandi ukomeze wiruke."

62 Nararebaga nkabona abantu kugeza aho amaso agarukira, bakomezaga kuza, bashakaga kumpobera bavuga n'ijwi riranguruye bati : "mwene Data w'agaciro!"

Neza neza, icyo gihe, ijwi riravuga ati: "abo wakunze bose, nabagukunze bose, Imana yarabaguhaye hano." Ndareba, mbona haje imbwa yanjye y'intwari. Ifarashi yanjye ishyira umutwe ku bitugu byanjye, iri guhumeka. Ijwi riravuga riti: "abo wakunze bose, n'abagukunze bose, Imana yabashyize mu maboko yawe, kubwo umurimo wawe w'Imana."

Rero, numvishe ko ndikuva aho heza cyane. Ndeba impande yanjye. mvuga nti: "wabyutse mukunzi?" yari agisinziriye. Ndatekereza nti: "yo Mana! Mfasha, yoo !Mana. Ntuzanyemerere kugira icyo ngurana Ijambo. Ko nkomeza guhagara ku Ijambo gusa, kandi nkaribwiriza. Uko byazagenda kose, uko uwo ari wese yakora, uko ba Sawuli baba bangana, uko abahungu wa Kis bahaguruka, uko ibi n'ibi cyangwa ibindi byose, Mwami, nziruke ngana hariya Hantu.

63 Ubwoba bwose bw'urupfu… mvuze ibi na Bibiliya yanjye imbere iki gitondo. Mfite umuhungu muto w'imyaka 4, aha, wokurera. Mfite umukobwa w'imyaka 9 n'undi w'umwangavu, kandi ndashima ko bakurikira inzira y'Umwami. Yoo Mana, reka mbeho igihe kirekire kungira ngo mbarere nkurikije uko Imana ibishaka. Usibye nibyo, n'amajwi y'isi yose numva aza angana. Abagore n'abagabo b'imyaka 80, n'abandi bose bavuga bati: "iyo utaza kujya hariya, nti twari kuba turi aha." Imana inzafashe gukomeza urugamba. Ariko ku byerekeranye n'urupfu, ntabgo… byaba ari ibyishimo, byaba ari ibyishimo kuva muri uyu mubore kandi uteye isoni kugira ngo ninjire hariya.

Iyaba narinshoboye kuzamura hariya, igikuta gifunga gifite uburebure bwa miliyari z'uburebure, kandi ibyo, byaba ari urukundo nyarwo. Iyaba buri ntabwe yagabanukaga, kugeza tugeze aho turi ubu nonaha, byaba ari igicucu gisanzwe cy'ibyaboze. Icyo kintu gito gituma twumva tukanabona ko hari ikintu ahantu; yo! Nshuti zanjye, bavandimwe banjye, bakundwa b'ivanjiri, abana banjye nabyariye Imana, nimunyumve, njye, mushumba wanyu. Mwe… nakwifuza kubona uburyo bwo kubibasobanurira. Nta rupfu rubayo. Ntarwo nabona. Ntaho ruri na hamwe. Ariko nyuma yuriya mwuka wanyuma (urupfu) hari ikintu cy'icyubahiro mutarigera… nta buryo bwo kubisobanura. Ntaburyo buhari, ntabwo nabona. Ariko icyo mwakora cyose, nshuti zanjye, mushyire ibindi bintu byose kuruhande kugeza aho muzagira Urukundo nyarwo. Kuzageza aho mukunda buri wese, umwanzi wese, n'ibindi byose. Gusura hariya rimwe gusa byahise bimpidura. Ntabgo nzigera narimwe, narimwe, narimwe kuba mwene Data Branham nari ndi.

64 Indege niyo zahura n'ibibazo mu kirere, niyo haba urumuri rudasanzwe, niyo bamaneko bantuga ibunda, uko byamera kose, nta kintu bivuze. Nzakomeza urugamba, kubw'Ubuntu bw'Imana, igihe

nzabwiriza Ivangili kubiremwa byose n'abantu bose nzabasha, mbasobanurira kugira ngo binjire, muri kiriya Gihugu kiza.

Bishobora kuba bikomeye; bishobora kuba bisaba imbaraga nyinshi.

Nsinzi igihe dusigaranye kugeza ubu. Ntabyo tuzi. Mubigaragara… turebye ikizami cyo kwa muganga, wa mnsi ushize, barambwiye bati: "musigaranye imyaka 25 y'ubuzima bugye, kuko murakomeye." Ibyo byanyongereye imbaraga. Ariko, yoo, ntabgo byari ibyo. Ntabgo ari ibyo. Ni ikintu hano mo imbwere. Birasaba ko uyu mubiri ubora wambara ukutabora, ko n'uyu mubiri upfa wambara ukudapfa.

65 Abahungu ba Kis mushobora guhaguruka. Ndi… ibintu byose byiza bakora, ntakibi mbivugaho, bafasha abakene kandi bakagira ibikorwa by'ubugiraneza. Kandi, mwibuke, urebye, Samweli yabwiye Sawuli ati: "nawe, uzahanura." Rero, benshi muri bariya bantu ni abavugabutumwa, bashobora kubwiriza Ijambo nkuko bikwiye. Ariko urebye, ibyo nti byari ubushake bw'Imana. Yari Imana yangombaga kuba umwami. Mwene Data, mushiki wanjye, mureke Umwuka Wera ubayobore.

Twubike umutwe akanya gato.

Nguwe nabi kubera iki gihugu. Kugubwa nabi, rero, ndishakira kureba Yesu

Nifuzaga kuba nakumva inzogera zo kucyambu, n'amajwi atuje;

Ibyo byamurikira inzira yanjye kandi bikirukana ubwoba bwose;

Mwami, reka ndebe hakurya y'igihe ;

Mwami, reka ndebe hakurya y'imibabaro n'impungenge;

Reka ndebe icyo gihugu cyiza kibengerana, aho izuba ryaka.

Ibyo bizashimangira ukwizera kwacu bizirukane umpungenge zacu zose,

Mwami, bareke barebe hakurya y'igihe.

66 Ndahamirijwe Mwami, ko uru rusengero ruto, iki gitondo, rwashobora kureba hakurya y'igihe… Ntakibazo cyari hagati yabo, ntacyari kuhaboneka. Nta ndwara nimwe yari hari, nta kindi cyari gihari usibye ubutungane. Harimo agahe gato hagati yaha na Hariya. Mu busaza ujya mu busore, mu gihe ujya mu iteka, ibibazo by'ejo hazaza n'akababaro k'ejo hashize kugeza muri ikigihe cy'iteka, ukajya mu butugane.

Ndagusabye, yoo Mana, guha umugisha abantu bose bari aha. Niba harabahari, Mwami, batakuzi muri ubwo buryo, mu rukundo… no, mu kuri, Data, nta muntu ushobora kwinjira muri hariya hantu adafite urwo rukundo : ukuvuka bundi bushya, nyuma yo kuva bundi bushya. Umwuka Wera, Imana ni urukondo. Kandi tuzi ko aribyo. Nubwo twakwikorera imisozi kubwo ukwizera kwacu, niyo twakora ibintu bikomeye, tudafite urwo rukundo, ntabwo twazazamuka kuri urwo rwego runini, ruzatugeza murundi ruhande. Ariko nimba turufite, ruzatuzamura kugeza hejuru y'ibibazo byo mu rino si.

Ndagusabye, o Data, guha abantu bari aha umugisha, kandi buri muntu wese wanyuvishe azavuge uku kuri, uki gitondo… kandi wabimpamirije, Mwami, nka Samweli ikindi gihe: "nigeze mbabwira ikintu mu Izina ryawe kitari cyo?" Ni abacamanza. Noneho nababwiye, Mwami, ko wanjyanye muri kiriya gihugu. Urabizi ko ari ukuri. None ubu, Data, niba hari abatakuzi, ibe ari cyo gihe bavuga bati: "Mwami, shyira muri njye ubushake bwo kubaho uko ubyifuza." Bitange, Data.

67 None ubu, mucyubitse imitwe, mushobora kuzamura ikiganza kugira ngo muvuge muti: "nsegera, Mwene Data Branham, kugi ngo ubushake bw'Imana busozwe muri njye

Noneho, ahantu muri, mu bwitonzi bwinshi, kuki utabwira Data uti: "o Mana, mu mutima wanjye, uno munsi, ndetse ibintu byose by'isi. Ndetse byose kugira ngo mbashe kugunda no kugukorera ubuzima bwanjye bwose. None, guhera iki ubu, nzagukurikira, nkurikiza imirongo ya Bibiliya." Niba mutari mwabatizwa umubatizo wa gikirisitu: "nza bikora, mwami. Niba ntarakira Umwuka Wera…" muzabimenya nimuwakira. Uzabaha uburinzi nu rukundo rwose mukeneye. Yoo! Mushobora kuba mwarakoze byinshi… kugira ibishuko, nk'urugero, mwigeze musakuza cyangwa muvuga mu ndimi, ni byiza, ariko niba urwo rukundo rwera rudahari… Munyizere ubu.

Vuga uti: "Mwami, shyira mu mutima wanjye no mu bugingo bwa njye Umwuka wawe, kugira ngo mbashe gukunda, kubaha no kugira ngo ubu mu mutima wanjye ngiremo urwo rukundo rwera, ruzanjyana muri icyo gihugu kiza igihe umwuka wanjye wanyuma uzaba unshizemo." Mugihe dusenga, musenge namwe. Musenge mu buryo bwanyu. Musabe Imana kubibakorera. Ndabakunda. Ndabakunda, mwe abantu b'imisatsi y'imvi mwicaye aha, mwe mwakoze cyane ngo mugaburire abana bato. Mwe, babyeyi b'abagore bakuze, mwahanaguye amarira ku maso yabo. Mundeke mbahumrize, bashiki banjye, ntabgo ari uko bimeze hariya hirya. Ndatekereza ko biri muri iki cyumba, ntagushidikanya. Nicyo gihe turimo ubu; ni

mu mubiri upfa tubamo ubu. "Shyira muri njye, Mwami, ubushake bwo kubaho bijyanye nuko ubishaka." Musenge mugihe dusenga hamwe.

68 Nkuko byari biteganyijwe, Mwami, tugendeye ku Ijambo ryawe n'Umwuka Wera, twishimiye kumenya isoko yaho twa komotse. Turishimye kuba twaravutse, bitari ubushake bw'umuntu, bitari ubushake bw'umubiri, ariko k'ubushake bw'Imana. None turasenga uno munsi, Data, kubasaba ubuntu bw'imbabazi zawe, Umwuka ubashe kubikora, Mwami. Njye, ntaburyo mfite bwo kubikora. Ndi umuntu, undi muhungu wa Kis. Ariko dukeneye Umwuka Wera. Yoo Mana, mbe nka Samweli, umntu uvuga Ukuri ku Ijambo. Kandi kugeza aha wagaragaje ko ariko biri, kandi nizera ko uzakomeza kubikora igihe cyose nzagukurikira.

Bahabwe ubuzima buhoraho ubu, Data. Ntibazibagirwe uyu munsi. Kandi igihe nikigera cyo kuva kuri ino si, ibyo maze kubabwira bizabe ukuri. Kandi igihe twicaye aha, mu mubiri upfa, turareba isaha yacu, turatekereza ifunguro rya saa sita, ku kazi kejo, ku mpungenge n'ibibazo by'ubu buzima; ariko ntabgo ariko bizamera kiriya gihe. Ibyo byose bizabura. Ntampungenge zizabaho, ariko ibyishimo bizahoraho. Bahe ubuzima nkubwo, Data. Kandi ko… ndagusaba ibi, Data: ko buri muntu wese uri hano wumvishe mvuga uku kwerekwa, nzabashe guhura naburi wese uri hano mu rundi ruhande. Nubwo hari abantu bamwe batemeranya nanjye, n'abagore nabo, ariko, Data, ibyo ntibizatubere imbongamizi. Tuzabashe guhurirayo nabo, mugihe bazaba biruka, nabo, tuka zahagarara tuvuga tuti: "mwene Data w'agaciro!" Bizabe nkuko wabinyeretse, Mwami, na buri wese. Abo nakunze bose n'abankunze bose. Ndasenga ngo bizabe uko, Mwami. Kandi ndabakunda bose. Bazabe bahari, Data. Mbahaye ubuzima buhoraho. Bazabashe gukora urahare rwo kubyemera. Ibyo mbisabye mu Izina rya Yesu. Amen.

69 Dusigaranye igihe gito cyo gusengera abarwayi. Ndabona muri twe harimo umukobwa muto urwaye, ni umugore mu kagare. None ubu, mwebwe bene Data n'abashiki banjye. Ndabasabye, nti munyumve nabi. Nsinzi icyabaye. Ntabgo nzi icyabaye. Ariko, yoo Mana, igihe nzapfa, unyemerere ngaruke aho…? Unyemerere nsubire hariya hantu, niho nshaka kuba, aho haba ari hose. Nsishaka kuba nka Pawulo, wageze mu ijuru rya gatatu. Sibyo navuze. Ndizera ko ashaka ku ntera imbaraga, arashaka kumpa ikintu gito kinsunika gukomeza njya mbere mu muriimo wanjye mushya ugiye kuza.

70 Ese murabona bidakwiye ko nasoma ikintu gito akanya gato? Byaba ari tegeko? Kimwe mu kinyamakuru gikomeye mu gihugu… Billy Graham: "kimwe mukinyamakuru cya Afrikaans cyo kuwa 15 Gashyantare 1960. Uwanditse icyo kinyamakuru, wari umumahometa, yemeranya ko ibtangaza bijyana n'ibyigishwa by'Ivangili ya Kirisito, uko ameze iki gihe, niko yahoze ni nako azahora iteka. Turasoma: nibyo Kirisito yasezeranyije intumwa ze, igihe yavuze ati: "uwizera muri njye azakora nkibyo nkora; ndetse azakora ibirenze kuri ibi." Itorero ry'igeze rikora ibyo… ibikorwa bya Kirisito, bya Bibiliya; rya bishobora ubu? Ese haba hari itorero rimwe muri ya yandi akomeye ashobora gukora igice k'ibitangaza bya kozwe na Kirisito? Utavuze ibikorwa bikomeye. Mwe, mufite izina rizwi, mushyigikira ubukirirsto, mushobora kuzura… kugarura abapfuye mu buzima? Mushobara kungenda hejuru ya mazi? Mushobora gukiza abarwayi, mugasubiza kubona impumyi? Ese ibyo bintu ntibyaba bihuye n'ikosa ryavuzwe haruguru kandi ryerekanywe n'abayisilamu ? Cyangwa ikizamini Kirisito yatanze, ikurikira ibihamya by'imyizerere yanyu.

71 Bira garagara cyane ko kenshi mubyavuzwe mu kinyamakuru cy'uriya mwisilamu bitari byo, kimwe ku kindi. Kiranegura abisilamu, ariko afite ukuri.

Reba ibyo yarikuvuga: dore igisubizo nyacyo, kuba soma Bibiliya no kubazi i Korohani: Ikorohani rivuga… rya shyigikiye ukugereranya. Abavuga ko idini ry'Abamahometa ryatanze kandi ko riruta kure igikirisitu, baraca umugani. Umwanditsi yakoze ahantu hingenzi, ariho havuga ko ibitangaza ari iby'itorero. Ariko tukiri aho, tura shidikanya ukuri kuwanditse, muby'ukuri, ninde washobora gutunga agatoke, ninde wahakana ibitangaza byakozwe n'umuvugabutumwa William Branham imbere y'abisilamu muri Afurika Yepfo, mugihe 10 000 muri bo bakiriye Kirisitu nk'Umucungunzi wabo, mu murimo w'ibwirizabutumwa wa William Branham, i Durban, muri Africa Yepfo, nahandi hose mu isi; cyangwa T.L. Osborn, muri Afurika y'iburasirazuba. Nibyo koko, tushyigikiye Billy Graham ijana ku ijana. Twa ganiriye kuri ibyo, nta… icyo nta kibazo, nta nagaciro bifite.

72 Ariko nibyo byose, yarambwiye… yavugaga ko dukundirira (abafana), ko tutarituzi ibyo dukora. Bashobora kuba barabitanzemo ubuhamya mu kinyamakuru cyabo, ko Imana yabikoze uko bya genda kose. Imana ni Imana uno munsi, nkuko yahoze iri. Muratekereza ko batabyizera, ko batabibonaga. Ntibyari byihishe; ntibyari bikorewe mu nguni (ahihishe). Abantu ibihumbi ni bihumbi bari bicaye aho bareba. Igihe babonye uriya muhungu wikimuga ugenda ku gicaniro, Umwuka Wera wamuhishuriye ibintu byose ku buzima bwe n'ibindi, nibyo byabaye aho; twabonye abisilamu 10 000 bacabugufi, agahanga kari ku butaka, bemera Yesu Kirisitu nk'Umucungunzi wabo bwite.

Turacyafite ba T.L. Osborn n'abandi bantu, bagitanga ibyokurya ku ntama. Ndatekereza ko Mwene Data Osborn atari yajya mu bisilamu. Bibwira ko aribo bakomeye. Ariko turacyafite Imana izatabara intama yayo munzara z'intare, ishobora no kuyikiza no munzara z'idubu.

73 Kandi ibyo biranshimisha kubona barahatirijwe kubyandika no kubyemera, igihe batekerezaga ko

batari kubikora. Bararengaga, babitera umungongo bavuga bati: "yoo, iriya minsi, ni ibyahise." Abisilamu bose bavuga: "ah! Bibiliya yose ni ibyahise. Muri mu makosa. Muramya Umuntu. Umntu wapfuye, witwaga Yesu, umaze imyaka apfuye, kandi ntiyigeze azuka." Ntabwo ari ukuri. Ariko ntiyari kubivuga mu nama yabereye i Duribani.

Yari ahari, akora ibyo yahoze akora kandi yarabibagaragarije. Ubu none, yemwe na - n'amadini yashizweho agahato ko kugaruka… umuntu nyine yari ya nyadikiye ambwira ko ngomba guhindura imyishirize yanjye kuri Bibiliya, ni umuntu umwe wabyanditse muri Imana yabo iza bategeka kuyiramya, uko biri kose.

Nibyo. Iza bategeka kuyiramya uko byagenda kose

74 Hari umukobwa muto urwaye wicaye hariya. Ni umwana wanyu? Afite ikihe kibazo, mushiki wanjye? Mugore? Afite uku viriramo ko mu mutwe. [ mwene Data Branham aganira na mubyeyi w'umwana urwye.] amaze imyaka 4 ? Yoo! Baturutse i Maringo cyangwa ahafi yaho? I Peoria. Ese ni umkobwa mwari…?... hari ikintu kimwe, mubyeyi, gishobora… kigiye gukiza uyu mukobwa, ni Imana. Murabizi. [wa mubyeyi aravuga ati: "atangiye kumererwa neza noneho."] Ndabyishimiye. Ese mwagiye kumusengera, Mwene Data Neville? Kuva Mwene Data Neville yagiye kumunsegera, ameze neza. Haracyari abashumba bazi icyo ibibryo by'intama ibyo ari byo

75 Ni ikihe kibazo, mushiki wanjye, wicaye mu kagare hariya? Ni cancer. Ni byiza, mbabajije ikintu kimwe, wenda aha turi… ni bangahe muri mwe bakize… cancer? Mu zamure ibiganza. Reba, mushiki wanjye.

Imana niyo muganga. Ibyo tura bizi. Mbabwiye ko ngiye ku manuka ngakiza uyu mukobwa ukuvirirana, naba mbabwiye ibintu bitari byo; cyangwa ko nakiza uyu mugore kanseri. Ariko nzi ikintu kimwe: umunsi umwe, hari idubu, kanceri, ikibyimba, ubuhumyi, n'urupfu, byari byateye intama z'Imana. Nigiye imbere n'imbaraga z'Imana, ndabyica, maze ngarura izo ntama. Nibyo. Uno munsi twegera imbere, tutagendeye kuri ibi n'ibi bikomeye, negera imbere n'umuhumetso urimo akabuye. Niko kazayigarura. Mura byizera, sibyo, mushiki wanjye?

76 Ni mbagahe muri mwe mubyizera, n'imitima yabo yose ubu ngumbu? Mureke, twubike imitwe kugira ngo nsenge. [Mwene Data Branham amanuka ku gicaniro ngo asengere abarwayi.] ni byiza. Data wacu, hari umugore mwiza kandi ukiri muto uryamye aha, utazashobora kugenda no gutambuka, keretse umutabaye. Umwanzi yaramufashe, nta muganga numwe wamufasha. Umwanzi yamurashe ahantu habi kugeza aho n'abanganga ntacyo bashoboye kuba bakora. Ariko ntari hanze y'ukuboko kwawe, Mwami. Ari ahantu ushobora ku mushyikira n'ukuboko kwawe. Njyendeye ku ijambo rywa we Mana, ndambitse ibiganza kuri uyu mugore ukiri muto kandi namaganye uku kuvirirana ko mu mutwe; mu Izina rya Yesu Kirisitu, mugarure na none mu buzima bw'umugore usanzwe. Azabaho ku bwi kuzo ry'Imana. Abashe gukira, azinjire mu rusengero kandi azahasohoke nkuko bikorwa n'abandi bose bamaze kukumeya. Muhe ikuzo Imana. Bibashe kuba muri Yesu Kirisito...

77 Nkuko imisatsi ye yoroshye, hari hasigaye intambe nke agahita yibona muri cya gihugu na bonye… ku gira ngo ntazasaze ahubwo yibone ari muto, mugihe abavandimwe be bazaba bari aho barira, kuko bamukunda. Umwanzi ukomeye, intare ya kanseri ikomeye, yaramwibasiye, imurasa ahantu habi hanze y'ubushobozi bwa muganga. Yoo Mana, njye nje kumutabara. Kandi nje kumugarura. Nishe intare… mu Izina rya Kirisito utaboneka, mbereye umuhamya. Ko icyo kimuvaho, ko kandi akira, kandi azabeho imyaka myinshi cyane mu cyubahiro n'ikuzo ry'Imana muri Yesu Kirisitu Umwami wacu. Amen.

Data wacu wo mu ijuru, si kubw'imyambaro yo ku rugamba, cyangwa icumu rityaye, nkuko wa bivuze… Ndahegereye. Ariko mfite wa muhumetso usanzwe wo kwizera, nzanywe n'ubwo bugingo n'uwo mubiri, iyi kanzeri ya mwibasiye ikaba yamujyanye hanze y'ubushobozi bw'abangaga, ariko negeye imbere muri iki gitondo, Mwami, kugira ngo mugarure mu rwuri rutoshye, mu gicucu, no ku mazi afutse. Mu izina ry'Umutsinzi Yesu ari We mpagarariye hano, ni ukwizera kutashidikanywa, ndizera ko agarurwa n'imbaraga ziri nsegesho. Kandi bibe uko mu Izina rya Yesu… nda tekereza ko hari igikorwa cy'umubatizo muri aka kanya. Ndabasaba mwubure umutwe akanya gato. Umushumba amaze kumbwira ko aba bantu barwaye cyane. Bazakira. Gusa, ni… Isezerano ry'Imana ntirijya rineshwa. Tugiye ku batabara.

78 Bafite igikorwa cy'umubatizo ni… uko biri kose aba bantu bangomba kugenda. Turaza kugira ikindi giterane ni mugoroba. Hari umntu utari bubashe kuza uyu mogoroba, kandi wifuza ko twamusengera aka kanya? Umuntu utaribubashe kuboneka uyu mugoroba. None, mushobora kuza hano? Mwe mutari buze uyu mugoroba. Ntabgo ndi bubashe kubona umwanya wo gukora umurungo w'insegesho uyu mugoroba. Tugomba kubatiza aba bantu. Mufite umuhungu muto, hano… yego mwene Data. Murakoze cyane. Ese ni byiza ko nasoma ibi nyuma gato, cyangwa…? Murakoze Mugabo.

Ubu noneho, niba mushobora kuduha na none umunota umwe cyangwa ibiri, twe… kugira ngo, turaza kugira igikorwa cy'umubatizo. Ndabizi murifuza kubona ibyo. Naho kubifuza kuza ku batizwa iki gitondo, urebye, mwe… abagore bajye kwihimdura muri uru ruhande, naho abagabo muri uru ruhande. Ubundi, mugihe ndi gusengera aba bantu barwaye, mushobora kuba mwitegura igikorwa cy'umubatizo. Naho ubu,

kubashaka…

79 Ubu ngubu, uyu mugoroba, ndaza kugerageza gukora umurongongo muto winsegesho, ku mugoroba, ntatinze, igihe ndibuhagerere. Kandi turaza gutangirira kugice cya 1 mu byandikwe Abefeso ni mugoroba. Twishimiye kuza kubabona hamwe natwe, niba nta torero mufite ryo kuba mwajyamo. Ariko niba mufite itorero n'umushumba, itorero ushyigikira, mujyeyo. Namwe abagomba kugenda nonaha, Imana ibahe umugisha. Munzogere kugaruka ni mubishobora. Tuzishimira ku babona hagati yacu. [Mwene Data Branham avugana nu muntu.] ese tugomba kubasengera hano… ubungumbu, abandi, mushobora kubika umutwe akanya gato, turashaka gusenga.

Ndagushimiye uno munsi kubw'akamanyu gato k'intama, isengesho, ryagwishije intare igapfukama, ikamburwa ya ntama ntoya kugira ngo igarurwe iruhande rwa se na nyina. Ndanseze ku bwa mwene Data. Ndagusabye umugarure, nawe, mu mahoro, Mwami. Kugira ngo ikibazo cyose afite kingende. Mu Izina rya Yesu Kirisitu, bibe uko. Amen. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

80 Mukumanuka, ndabona umuhungu muto w'impumyi. Nifuzaga kuvuga ikindi kintu. Nari ndwaye cyane. Nararukaga. Nuko ndatekereza… sinifuza ko ibi byabacika, nimba mubishoboye. Naratekereje: "Yoo Mana, niki nabasha gutanga bambwiye ko hari umuntu untegereje hanze."

Umugore wanjye akansubiza ati: "Billy, hari umugabo ukuze ushaka kukubona." Umugabo mugufi, ufite ubwanwa bwera bumupfutse isura, akaza.

Yakwinjira akavuga ati: "nimwe Mwene Data Branham?"

Nkavuga nti: "Yego, mugabo, ni njye."

Nitwa Simoni. Akarambika ikiganza cye kuri njye, akandeba akanya gato akavuga ati: "ese uri umwizera, Mwene Data Branham?"

Yego.

Byose bizagenda neza.

Simoni Petero wo muri Bibiliya… ukuntu nari gukunda ibyo! Ntibyai ngombwa ko avuga byinshi, yari kurambika ikiganza kuri njye, byose bikagenda neza.

Noneho rero, murebe ibyanje mu mutwe: ni ubufasha bw'Imana, n'ubuntu bw'Imana, hari ibihumbi ni bihumbi by'abantu bizeraga ibintu bimwe iyo ngiye mbasanga. Nuko nahise nibaza nti: "Mwami, munyemerere kugenda kuri buri muntu wese nshoboye. Nyemerera gusa - gusa…" nibwiraga ko nimba Simoni yaba gusa… yaba Pawulo, iyaba umwe muri bo, yashoboraga ku injira, aka vuga: "Nimwe Mwene Data Branham?"

"Yego."

Bandambikaho ibiganza byabo, bandeba mbakabwira bati: "Nibyiza cyane, Mwene Data Branham", nuko bakagenda, iybo gusa nkazakira. Nari meze neza. Niko byari bimeze. Ndibaza nti: "Muntu wanjye, nahise nsubirana imbaraga ako kanya." Ndavuga nti: "Ndumva meze neza." Yego, yego. Kandi hari abantu bizera nkibyo uno munsi. Manutse aha aka kanya gukora nkibyo: kugira ngo mbarambikeho ibinganza, kandi nkasaba Imana.

81 Nifuzaga kugana umuhungu muto, mushiki wanjye, mukanya gato, ako gahungu ki mpumyi. Amaze igihe kigana gite ari mpumyi, mushuki wanjye? Kuva akivuka. Waramutse, muhungu muto. Yo! Ntabgo uri…?... nibyo, buretse umunota umwe.

Yoo, Mana iturinda, kure y'ubushobozi bw'abaganga, mwivuka ry'uyu muhugu muto, ni impumyi, ntabona, uyu muhungu muto mwiza kandi usaneza… kandi mbere yuko iyi Nshuti igira amahirwe y'ubuzima, umwanzi yamushe ahantu habi kure y'ubushobozi bw'abaganga. Ariko nje kumutabara muri iki gitondo, Mwami. Uyu muhumetso w'isengesho… nyemerera mugarure, yoo Mana. Kandi rwanyije umwanzi, idayimoni, mu Izina rya Yesu Kirisitu, ndasaba uyu muhungu kubw'Imana. Ndasaba kureba kubw'Imana, mushubije icyo Satani yari yaramwambuye. Abashe kubisubirana mu Izina rya Yesu Kirisitu, bizaba nkuko. Nibyo, bibe nkuko. Noneho, mushiki wanjye, noneho ubu ntushidikane, kuko uyu muhungu agiye ku mererwa neza. Nifuzaga ko wazamugarura hano ku rusengero kwereka abantu ko areba… Mushubije kureba mu Izina rya Yesu Kirisitu…

82 Yego… Mwami Yesu… uyu mwana muto twatuye amasengesho menshi, iki gitondo, nje na none mu Izina rya Yesu Kirisitu, nzanye uyu muhumetso wampaye ; wakoresheje umfasha, Mwami, kubwo imbaraga zawe wa mbuye… mu kanwa ku rupfu ubwarwo. Wazuye abntu bari bapfuye, bagagaye, kandi bakonje nyuma yuko bahamirije ko bapfuye. Nkurikiranye uwo mwanzi mu Izina rya Yesu Kirisitu. Kandi, umusubize ubuzima bwiza. Bikore; bibe uko kubw'ikuzo ry'Imana. Kandi tugomba kubasegera… ese uri umwizera? Mwami, muzanye mu bushobozi bw ;uyu muhumetso, mu izina rya Yesu Kirisitu iyi ndwara

imuvemo ijye kure kandi ntizagaruke. Amina.

None, uyu muhumetso wagiye kandi washyiriye uwo mutima, kandi ni umukobwa wawe, kandi…?... Data wacu wo mu ijuru, nkurikiye umwanzi nkoresheje uyu muhumetso wampaye, kuko waravuze uti: "Niba uzanye abantu kukwizera kandi nimba ufite ukuri uza nsega…" njyenda noneho mu gihe nshubije ikifuzo cye. Bibe nkuko mu Izina rya Yesu Kirisitu. Amina.

83 . Ni byiza, mushiki wanjye. Turi… imitsi iri kure y'ubushobozi bw'abangaga. Bashobora kuguha ubufasha akanya gato, ariko ibyo bizongera ikibazo cyawe yuma… noneho munyumve, turasohoka nyuma y'ibi iki gitondo. Mwami Yesu… ndi… amabuye atanu mato, u-k-w-i-z-e-r-a, mu muhumetso, kandi nagaruye mushiki wanjye muvana mu nzara zubwo burakari… bw'abangaga… mugarura mu mahoro, mu kurisha mu rwuri rutoshye no ku mazi afutse; kandi nakoze ibyo mu Izina rya Yesu Kirisitu. Amina. Ni byiza. Ntabgo bijyanye no kwitera kw'inyama. Mana Data yacu, uyu mukobwa muto, twishimiye cyane ko atari inyama ziteye; ariko icyo byaba cyose, biracyari mu bushobozi bwawe, Mwami, kandi nje niryo nsegesho ryo kwizera, muri uwo muhumetso... kandi nkanze iryo nsegesho ni mbaraga nzajye zose kugira ngo nditere; mu Izina rya Yesu Kirirsitu, ribashe gufata uwo ryagenewe.

Ko mushiki wacu abashe gukira. Nkoze ibi mu Izina rya Yesu Kirisitu…

84 Nkuyu mugore muto n'umwana we muto, umwana muto ashaka kuzahura nawe mu rundi ruhande muri kiriya gihugu cyikuzo maze kuvuga. Kandi ni… uyu mubyeyi ntazabaho igihe kirekire kugira ngo abashe kurera uyu mwana muto. Kandi nuyu mwana muto ntazabaho igihe kirekire uta mutabaye, ariko nje n'uwo muhumetso, n'imbaraga zose kugira ngo nkubite umwanzi. Mu Izina rya Yesu Kirisitu, muteye ibi. Bazamera neza ku bwikuzo ry'Imana, mu Izina rya Yesu. Amina. Yego, ni byiza cyane. Ndi mubyishimo koko, kubera ko uyu murimo w'Imana muri kiriya gihe, wari umurimo w'Imana ukomeye waberekaga… Ese uburwayi bwe burashaho kwiyongera? Data wa twese wo mu ijuru, Satani yarashe ahantu habi uyu mubyeyi hariya kure y'ubushobozi bw'abaganga. Bashobora kumutera umuti nkuyu, Mwami, umuti uzagenda mu mubiri we wose, ariko uzatuma atabasha kumenya aho ari; kandi, nazaba yarawurangije, uburwayi bwe buzaba bwiyongereye. Ariko, nje na wa muhumetso wo kwizera, nibuye riyobowe neza kuwo rya teganyijwe. Mu Izina rya Yesu Kirisitu, mukuyemo uku kubabara mu cyubahiro cy'Imana.

85 Mana nziza, Mwene Data George wari utegerejwe hariya agana urupfu, ntihashize igihe, yabonye icyo kwizera kwa mukoreye. None ubu, hari rubagimpande, Mwami. Arabona ko bashobora kuzamuha imiti ishobora kuzamugabanyiriza ububabare, ariko ibyo ntibizamukiza; none dutuye iri nsegesho mu Izina rya Yesu Kirisitu; ngo rubagimpande igende. Atahe iwe kandi akire. Urakoze cyane… Mwaramutse. Yoo! Yego, mugore. Ese mwumvise ibyo byose? Hirya y'ubushobozi bw'urupfu. Ese mwizera Umwami Yesu? Ndabona umugore mwiza hariya… muzasubirana ubuto ubuzira herezo. Ndabizi ko mushaka kubaho ubu kubwo ikuzo Rye. Musange vuba undi… umuhungu wanyu… ntimubasha kumubona? Yoo! Ntabgo wenda… afite akababaro, ndabibona. Mushiki wanjye, nifuzaga ko mubyumva… hano. Ari hano kubera… ni byiza, mubimubwire. None, azababwira ikiba kure y'umwuka wanyu; uyu muhungu arabategereje. Muzaba mungana nka we… gato…

Data wa twese wo mu ijuru, isiganwa ry'ubuzima ryarakozwe. Nta kintu kinini gisigaye; kandi umuhungu we muto ari hariya hakurya y'uruzi. Ashobora gusa kureba inyuma… gato… ategereje ubwato… Mwami, ibyo bizamucisha mu masumo, muri icyo gihugu cy'ubwiza. Muhe umugisha, Data... umutima we. Azabe amateraniro meza, hakurya y'uruzi.

MESSAGE hub online

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info